

WE-ACTx for Hope



MENYA UBURENGANZIRA BWawe

Imfashanyigisho y'abana bato, Ingimbi
n'abangavu, Ingimbi n'Abangavu





Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira ubwisanzure, uburenganzira n'inshingano bingana.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ingingo 11.

“Menya Uburenganzira Bwawe: Imfashanyigisho y'abana bato, ingimbi n'abangavu ” 2010 WE-ACTx for Hope

Birabujijwe kwiyitirira cyangwa kwandukura ibiri muri iyi nyandiko utabiherewe uburenganzira

Iyi mfashanyigisho iboneka mu Kinyarwanda no mu cyongereza ku rubuga rwa Internet www.we-actx.org. Iki gitabo n'ibikirimo s'inama mu by'amategeko; bityo rero ntagikwiye gufatwa nk'inama y'avoka n'umukiriya we. Uretse ko kurundi ruhande, hariho kwitwararika kugira ngo hatangwe amakuru agezweho kandi ashitse. We-Actx for hope na Latham Watkins LLP ntibazirengera ibyavugwa nk'amakosa ari muri iyi mfashanyigisho. Ibiri muri iyi mfashanyigisho byavuye mu nyandiko zizewe. Ariko nanone nitwagwirengagiza ko amategeko yo mu Rwanda agenda avugururwa. Ni muri urwo rwego wasanga bimwe mu bivugwa muri iyi mfashanyigisho byaba byarahindutse.

Ku bisobanuro birambuye baza:

Joseph Mafurebo
Umuyobozi w'umushinga WE-ACTx for Hope, Health and Justice project,
P.O. Box 5141, Kigali, Rwanda

mafurebo@yahoo.fr or lucy@quacinella.com

AMASHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE

IRIBURIRO.....	2
IGICE1: Abana bato.....	3
INKURU Y'UWIZEYE NA GAKUBA.....	3
Uwizeye Afasha Umuryango We.....	4
Gakuba Ajya Kwiga.....	8
Gakuba n'ikibazo cya Se.....	11
UBURENGAZIRA BWawe N'INSHINGANO N'IBIHE?.....	14
IGICE II: Ingimbi N'abangavu Menya Urenganzira Bwawe.....	16
UBURENGAZIRA BWawe N'INSHINGANO N'IBIHE?.....	16
Ubwoko b'wamategeko akurengera.....	16
Igihe Ukuze.....	18
WOWE N'UMURYANGO Wawe.....	20
Inshingano z'Ababyeyi n'Abishingizi.....	20
Igihe Ufite Umuryango Cyangwa Urugo Uyobora.....	21
Icyemezo Cy'abatishoboye.....	22
Ibintu By'ingenzi Ugomba Kumenya Nk'umuyobozi W'urugo Rwanyu.....	24
Igihe Nta Nzu: Muri Ku Muhanda.....	26
Gusezerana.....	26
WOWE NO KWIGA MU ISHURI.....	28
WOWE N'UBUZIMA BWawe.....	33
Ibirebana na SIDA.....	35
WOWE N'AKAZI Kawe.....	38
Kujya mu Gisirikare cyangwa mu mitwe yitwara gisirikare.....	39
GUKUMIRA NO GUKURIKIRANA IBY'IHOHOTERWA.....	41
Ibyingenzi Ugomba Kumenya Ku Ihohoterwa Igihe: Urera Abana.....	41
Ihohoterwa, N'ibikorwa Byakinyamaswa Bokorerwa Abantu.....	42
Kuvuga Ibyabaye.....	46
Gukora Uburaya, Abagabo N'abagore Bakuze Bashora Abana Mu Busambanyi.....	46
Ubundi Buryo Abana Bahohoterwamo.....	47
GUKORESHA AMATEGEKO UKIRENGERA CYANGWA UKARENGERA UNDI MUNTU.....	49
Icyo Wakora Igihe Uvukijwe Uburenganzira Bwawe.....	52
URUTONDE RW'AMATEGEKO AFITE INGARUKA KU BANA.....	55
URUTONDE RW'AMAGAMBO DUKENEYE KUMENYA.....	61
WE-ACTx FOR HOPE UMUSHINGA K' UBUZIMA N' UBUTABERA.....	64

IRIBURIRO

Buri Munyarwanda wese agira uburenganzira akimara kuvuka. Nubwo waba ukiri mutoya; amategeko avuga ko ufite uburenganzira nk'Abantu bakuru. Iki gitabo gifasha Abana bato, Ingimbi n'Abangavu kumenya uburenganzira bwabo ndetse kibafasha no kuburengera. Rimwe na rimwe, abantu bakuru bagufasha kurengera uburenganzira bwawe. Niyompamvu dukangurira abantu bakuru gukoresha iyi mfashanyigisho kugirango bafashe abana.

IGICE 1: Abana Bato

INKURU Y'UWIZEYE NA GAKUBA

Igice cya mbere cy'iyimfashanyigisho n'inkuru y'abana isobanura iby'igikeri gitoya n'umusambi mutoya. Imiryango yombi ifite ibibazo byinshi kimwe n' uko indi miryango mu Rwanda ibifite. Bishobora kugorana kuvuga ku bibazo cyangwa ku bintu bigushavuzwa. Igihe usoma iyi nkuru zirikana ukuntu Uwizeye na Gakuba bakemura ibibazo bibagora noneho uzirikane ukuntu wakemura ibibazo bisa nk' ibyo. Abantu bakuru basoma iki gitabo bafatanije n'abana; bazirikane ko iyi nkuru yagenewe gufasha abo bana gutangira gukemura ibibazo bibareba.

Fasha umwana gusoma iyo nkuru noneho musubire mubyavuzwe mur' iyo nkuru.

IGICE II: Ingimbi N'abangavu

MENYA URENGANZIRA BWawe!

Igice cya kabiri cy'iyi mfashanyigisho cyagenewe Ingimbi n'Abangavu kugira ngo bamenye uburenganzira bwabo n'icyo bakora igihe habayeho kuvutswa uburenganzira bwabo.

Amategeko y'u Rwanda arengera uburenganzira bwa buri wese. Bityo buri wese akaba afite uburenganzira bwo kubaho no kwiyubaha mw'ibanga, kugira umutungo, kutavangirwa, kuvurwa, kwiga no kuba twese tureshya imbere y'Ubutabera (polisi, n'inkiko bikadufata kimwe). Amategeko y'u Rwanda arengera ubwo burenganzira atitaye ku myaka y'umuntu. Bityo rero igihe uwariwe wese akoze ikosa ryokukuvutswa uburenganzira bwawe aba yishe n'amategeko y'u Rwanda.

Igice cya II cy'iyi mfashanyigisho cyibanda k' ukuntu amategeko yibanda ku buryo bunyuranye amategeko akurengera; uri mu mashuri wiga, igihe uri kukazi, igihe uri mu muryango wawe cyangwa igihe uri n'inshuti. Igihe wize amategeko y'u Rwanda bituma wiga uko warengera uburenganzira bwawe, ugafasha umwana cyangwa inshuti kurengera uburenganzira bwabo. Uretseko bibazo bimwe biba bigomba ko wiyambaza abayobozi b'ibanze, polisi, umufasha ukorera Leta cyangwa umuryango uharanira uburenganzira bwa muntu cyangwa umunyamategeko.



Abo ushobora
kwiambaza
ukoresheje
umurongo wa
telephone.

Inkuru Y'uwizeye Na Gakuba




IGICE 1: Abana Bato

UMUTWE I

Uwizeye Afasha Umuryango We

Uwizeye n'umutubu mutoya utuye mu nzu ifite urugi rw'ubururu. Ayibamo na mukuru we Uwamahoro hamwe na musaza we Haguma. Wenda Uwizeye akunda gukora byinshi nawe ukunze gukora. Akunda gutarukira hejuru. Akunda kurya ibigori, akunda kuririmba, kubyina no guca imigani. Ariko by'umwihariko akunda gukina umupira n' inshuti ye Gakuba (umusambi w'isunzu). Igihe Uwizeye yari akiri mutoya, yazahajwe na SIDA. Mu ikubitiro rya mbere Uwizeye ntiyabonaga itandukaniro hagati ya Nyina n'abandi ba mama; uretseko rimwe na rimwe nyina yaruhaga. Uko ibihe bisimbura ibindi nyina yarushye cyane mu buryo budasanzwe; atangira kunanirwa kujya mu isoko no gukina. Iminsi imwe n'imwe nyina ntiyashoboraga kuva mu gitanda.



Noneho rimwe nyina w'Uwizeye arapfa. Uwizeye yagowe n'urupfu rwa nyina. Mbere yakundaga gukina umupira na mushuti we Gakuba, nyuma y' amashuri; ariko nyina amaze gupfa yaretse gukina umupira.

Ahubwo we na Gakuba bigira bugufi y'ikidendezi. Rimwe na rimwe Uwizeye ntashaka no kuvuga. Gakuba avuga ko atagorwa no kwicara bugufi n'ikidendezi kuko bituma Uwizeye anezerwa. Gakuba yaravuze ati "Twakora icyo ushaka cyose. Uwizeye uri inshuti yanjye, Uwizeye

ntakibazo nakwicara hano kugira ngo unezerwe". Nyuma yuko nyina w'Uwizeye apfa, mukuru we nabo barashavuye. Bityo bamanika ishusho ya nyina kugikuta cyo munzu yabo.


Icyarushijeho kubabaza nuko urupfu rwa nyina rwabasize iheruheru; ntawundi muntu mukuru bashoboraga kwiambaza ngo abafashe kuko Se yari yarapfuye cyera. Mukuru w'Uwizeye, Uwamahoro, yiyambaje Nyirasenge kugira ngo abafashe; ariko aramuhakanira avuga ko atabona amafaranga

yo gutunga bose uko ari 3. Ahubwo yigiriye inama yo kugeza icyo kibazo kuri Se wabo ngo abafashe. Se wabo yaratuye n’umugore we hamwe n’abana ku kindi kidendezi.

Uwizeye ntiyari azi neza Se wabo kuko yamubonye rimwe uretse ko yari azi ko afite amabara y’umuhondo nkawe. Uwamahoro yashinzwe gucunga ibyo kurya n’amafaranga; ariko ntabwo abona. Uretse ko akenshi Nyirasenge ariwe ubazanira ibyo kurya bya nijoro. Igihe Nyirasenge nawe yabuze ibyo kurya Se na Nyina wa Gakuba hamwe n’abandi baturanyi babazanira ibyo kurya. Uwizeye yaryohewe na capati zishyushye zatanze n’Umuryango w’Intare. Muri ibyo bihe bigoranye Uwizeye yize byinshi. Yatangiye kujya yiga cyane mu mashuri, yagera imuhira agasubira mu masomo. Ikindi nuko yagiye yibwiriza kumesa imyenda ya bakuru be na basaza be n’igihe Uwamahoro atabimusabye. Yagerageje kwirinda kujya impaka na musaza we igihe amushotoye. Uwizeye yamenyeko Uwamahoro na Haguma bafite agahinda kubera urupfu rwa nyina. Icyo nawe kimutera agahinda. Yifuzaga kuba yafasha umuntu wese waba ufite ikibazo nk’icyo.

Umunsi umwe, Uwizeye avuye ku ishuri yasanze mukuru we, musaza we na Nyirasenge bicaye kumeza na Se wabo hamwe n’Ingwe Uwizeye atari yarigeze abona. Uwizeye acyinjira mu nzu Ingwe yaramushuhije. Ingwe yarifite amaso abengerana igihe isetse. Ingwe yaravuze

iti “Wiriwe” Uwizeye. Nitwa Mutoni nd’Umufasha. Uretse ko Uwizeye atamenye icyo bishaka kuvuga. Umutoni arasobanura, ati “umufasha n’ufasha abato nkawe” waba imitubu, Ibikeri, intare, inkende, ingurube, inzuki, inyoni, nyiramuhari, inyaruvu, impyisi, injangwe, imbwa, intama, inka, inkoko, n’imisambi, n’abandi bana b’izindi nyamaswa bakenera gufashwa. Nkorana n’undi muri ONG (umuryango udaharanira inyungu). Nyogosenge na mukuru wawe



baje mu biro byanjye kunsaba ko natera inkunga umuryango wanyu. Umutoni yasobanuye ko umufasha afasha abana kujya mu mashuri, kwa muganga, kubona ibyo kurya, imyambaro n'icumbi. Umutoni yakomeje gusobanura ko abakeneye inkunga bamusanga mu biro by'ikigo akoramo. Mu buryo budasanzwe yari yaje gusura Uwizeye n'umuryango we mu rugo.

Ntiyasobanukiwe icyo ibyo byose bishaka kuvuga; uretse ko yanejejwe n'ukuntu Ingwe yivugira neza. Ise wabo w'Uwizeye yasabye Uwizeye kumwegera amufataho aravuga ati ndabizi ntituziranye, nuko areba hasi aravuga ati : ariko iryo n' ikosa ryanjye. Mfite undi muryango ntunze. Ariko ubu maze kumenya ko namwe mukeneye kwitabwaho. Ise wabo yikije umutima aravuga ati: nahoze mvugana n'Umutoni anyigisha ibyo ngomba kubakorera nk'umurezi wanyu. Murankeneye kandi mfite inshingano yo kubitaho.

Uwizeye abona ko Se wabo yamaramaje ariko kwemera ibyo avuga byaramugoye. Yigiriye inama yo gutegereza kugira ngo azabone guhinduka kwa se wabo. Mu mezi make yakurikiyeho Uwizeye yabonye Se wabo inshuro nyinshi. Mu majoro amwe yicaraga ku meza na Haguma hamwe n'Uwizeye akabafasha gusubira mu masomo yabo. Rimwe na rimwe yazanaga n'Umutoni ujya ubabaza uko ibintu bimeze mu rugo n'umuryango wabo akabagira n'inama. Umutoni aba akeneye kumenya ko ari

bazima kandi bajya kwiga. Buri mugoroba Se wabo ajya abazanira ibyo kurya nk'amateke cyangwa ubugali. Hanyuma agataha abana batarajya ku meza.

Uwizeye ntiyishimiye ko Se wabo agenda badasangiye kandi ko atari yahura na babyara be, ariko akagira isoni zo kubivuga. Yagiraga ubwoba ko amusabye ko basangira atasubira kuza kubareba. Nubwo yagiraga ubwoba bwo kuvugana na Se wabo byababazaga Uwizeye aribwo yafashe icyemezo cyo kubaza Umuto ni niba we yabibwira Se wabo.

Umutoni aravuga ati “Erega Uwizeye uwo ni So wanyu, kandi nk'umurezi wanyu agomba kubitaho akabaha icyo mukeneye cyose kugirango mushobore gukura neza mugakomera nk'igikeri.

Mugomba kuvugana nabo igihe mubona mufite ikibazo. Nanjye nzavugana nawe. Ijoro rimwe igihe yaramaze gufasha Uwamahoro gukora urugi rwabo, Se wabo yambaye ikoti, kugira ngo afate akayira agende. Noneho Uwizeye yihagararaho avuga cyane ati ese ntiwareka ukabanza ukajya ku meza natwe?


Sewabo yahagaze mu muryango ntiyava aho ari, aratekereza. Noneho arasubiza ati: nkeneye gusangira namwe ariko uyu muni ntibiri bushoboke. Uwizeye byaramubabaje nuko Se wabo aramusubiza ati: Ndi bumenyeshye umugore wanjye, umuhungu wanjye n'umukobwa wanjye ko nzarya

hano ejo k' umugoroba kandi mubihe bitari ibyakure mwese batatu nzabahuza nabo. Mwari muzi ko ndi umurezi wanyu bityo amategeko akaba yemeza ko muri abana banjye? Uwizeye ibyo ntiyarabizi. Uri umukobwa wanjye; niyo mpamvu, ngomba kukwitaho nk'uko Nyoko yabikoraga. Urabona ko umuryango wacu mushya urimo uhinduka. Iyo mpinduka irareba abana banjye n'umugore wanjye, ntabwo ari mwebwe nanjye gusa. Ibyo rero bishobora kunkomerana.

Icyo n'ikibazo kuko nd'umukene. Ntuye mu kazu gatoya. Birumvikana ko twese tugomba gukora igishoboka kugira ngo tubeho neza. Ariko ngirango harubwo

tuzajya turira hamwe twese n' ubwo byaba ngombwa kurira mukazu kanjye gatoya. Aho yavuze yica akajisho. Uwizeye yaranezerewe aramusekera. Noneho Se wabo aravuga ati "urabona, twese turimukwiga inshingano zacu".

Uwizeye yibuka uko agerageza kwiga cyane, agafura imyenda kandi akagerageza kutarwana na musaza we. Yamenye inshingano ze. Ibyo byaramunejeje, bituma yiha agaciro. Ntiyarazi impinduka zizakurikiraho; ariko uko byaba kose yaraziko we, Uwamahoro, Haguma na Se wabo barikumenya uko babyifatamo nk'umuryango.



UMUTWE II

Gakuba Aja Kwiga



Nyuma y'igihe kirekire noneho Uwizeye yarakeneye gukina agapira. Inshuti y'Uwizeye, ariwe Gakuba yarafite impamvu nyinshi zituma anezerwa. Uwizeye yaratangiye kumererwa neza no kwibagirwa ibyabaye. Bityo yari yiteguye kongera gukina umupira. Gakuba n'Uwizeye bigiraga mu ishuri rimwe mu mashuri abanza.

Ibyo Gakuba yakundaga kurusha umupira n' ukwiga imibare.

Umunsi umwe Gakuba yananiwe gusubiza ikibazo kimwe gusa mu igeragezwa ry'imibare; kandi atsinda ibitego 2 mugihe bari baruhutse bakina umupira, Gakuba uwo munsi wamurutiye iyindi yose.

Imibare yigishwaga kuwa mbere mugitondo. icyo cyatumaga Gakuba azinduka akiruka kugira ngo adakererwa; nubwo yagombaga guterera umusozi.

Igitondo kimwe burumwe yarahugiye mu mibare yo gukuba, nuko mwarimu asaba Gakuba kuza ku meza ya mwarimu. Mwarimu yamenyesheje Gakuba ko afite






ikibazo kuko atari yambaye imyenda y'ishuri kandi yari afite umwenda wo kuba atarishyuye amafaranga y'agahimbazamusi.

Mwarimu aravugaga ati “niba Gakuba ataraguze imyenda y'ishuri ntanatange ayo mafaranga ntagomba kuza ku ishuri. Gakuba byaramubabaje. Kumugoroba batashye Gakuba yamenyesheje Uwizeye ibyo mwarimu yamubwiye. Noneho batangira kujya inama kucyakorwa kuko ababyeyi ba Gakuba ari abakene badashobora kwishyura amafaranga y'ishuri cyangwa ngo bagure umwenda w'ishuri wa Gakuba. Bari baragurishije inka yabo kugira ngo bashobore kwishyura amafaranga y'ishuri mu mwaka washize, Gakuba byaramubabaje. Yiyemeje ko agomba gushaka uburyo bwo gukomeza kwiga.

Noneho Uwizeye agira igitekerezo “yenda twabaza umutoni ariwe ingwe kugira ngo

adufashe! N'umufasha ugoboka umuryango wanjye” numva ko hari n'abana atera inkunga. Uribuka igihe Nyiraneza twigana yirukanywe mu ishuri kuko atarafite imbago? Yasobanuriye cyo amategeko avugaga mwarimu n'umuyobozi w'ikigo, nuko bamugarura mu ishuri!

Nuko Gakuba yibuka ko byashimishije Nyiraneza agaruka ku ishuri. Gakuba yigira inama yo kwiyambaza Umutoni. Gakuba yabisobanuriye ababyeyi be bafata icyemezo cyo kujya mu biro by'Umutoni. Bamaze gusobanurira Umutoni ibyo mwarimu yavuze, yemeje ko yaragiye kuvugana n'ubuyobozi bw'ishuri. Amategeko avugaga ko amashuri ya Leta atemerewe kwirukana abanyeshuri, nka Gakuba n'ubwo babura amafaranga y'ishuri, imyambaro y'ishuri n'ibindi. Ndetse n'ubwo umunyeshuri yaba arwaye SIDA cyangwa afite ubumuga nka Nyiraneza.



Umutoni asobanura ko amategeko abereyeho kubahirizwa na burimunyarwanda wese. Amategeko avuga ko ari uburenganzira bw'umwana kujya mu ishuri naho yaba adashobora kuriha amafaranga cyangwa afite ubumuga. Kwigira k'umwana n'uburenganzira bwe, natwe abakuru rero dufite inshingano yo kubibafashamo.

Gakuba yanejejwe no kumva ibyo; kuko yarakeneye kwiga imibare myinshi mu buryo bushoboka. Umutoni yavuzeko Shyaka umukozi mugenzi we yaragiye kuvugana na mwarimu wa Gakuba kugira ngo ashobore gukomeza kwiga. Ku munsu wakurikiyeho Shyaka yavuganye na mwarimu wa Gakuba; amumenyesha ko umuryango wa Gakuba udashoboye kugura umwenda w'ishuri wa Gakuba,

gusa umuryango udaharanira inyungu uwo akorera ukaba uteganiye kugura uwo mwenda, kandi ko uwo muryango watanga amafaranga make buhoro buhoro. Umwarimu wa Gakuba ntiyarazi ko amategeko abemerera kwiga amashuri abanza, baba badashobora kwigurira umwenda w'ishuri cyangwa ibitabo. Amaze kumenya ayo mategeko yemereye Gakuba kugaruka mu ishuri. Shyaka, Gakuba n'Uwizeye banejejwe niyo nkuru nziza.

Nyuma yaho Gakuba ntiyongeye kugira ibibazo mu ishuri. Nta mwarimu wongeye kumugora. Uretse ko Uwizeye we har' ubwo yagiraga ibibazo. Ntiyakundaga kwiga nka Gakuba; Ari ko yarazi ko agomba kwiga cyane. Uwizeye yarakigerageza gufasha umuryango we. Kwigira neza mu ishuri bwari uburyo bumwe bwo gufasha umuryango we.

UMUTWE III


Gakuba n'ikibazo cya Se

Ibintu byasubiye mu buryo, nuko Uwizeye na Gakuba bamererwa neza gato. Hanyuma Gakuba aza kuzasiba ishuri umunsi umwe. Gakuba ntiyigeze akererwa kugera ku ishuri narimwe. Yakundaga ishuri cyane. Uwo munsi, Uwizeye yahagaze hanze umwanya muremure, ategereje Gakuba. Birambiranye mwarimu yarasohotse asaba Uwizeye kwinjira mu ishuri. Uwo munsi Gakuba yarasibye, aza kwiga umunsi wakurikiyeho.

Uwizeye yabajije Gakuba icyatumye ataza kwiga; ariko Gakuba ntiyagira icyo asubiza. Uwizeye yakomeje kumubaza; ariko abonyeko akomeje kumwihorera arabizibukira. Hacyeho iminsi myinshi, Gakuba yaje kwibwiriza abwira Uwizeye icyari cyamubayeho.

Gakuba yavuzeko mu ijoro ry'umunsi wakurikiwe no kutajya ku ishuri; papa wa Gakuba yaje arakaye yasinze kandi yatinze. Yanenze Gakuba kubera ibibazo yarafite ku kazi ke.

Iyo bitaba ari ngombwa kukurera ubuzima bwanyije buba bworoshye. Uwo ni Se wa Gakuba uvuga ayinzoga. Papa wa Gakuba yaramukubise cyane; ndetse aza nokumubuza kujya kwiga ngo agomba kureka ishuri. Agakora imirimo. Gakuba yavuzeko Se asanzwe yisaza ngo ariko ntiyigeze amukubita by'ako kageni. Noneho Gakuba ararira. Uwizeye arashoberwa. Yumva yagira uko afasha Gakuba. Hanyuma asanga Uwamahoro aramubaza ati «twakora iki ko Gakuba arimo kurira?»



Uwamahoro ati «Gakuba yazize ubusa. Ashobora gukeka ko haricyo yakoze gituma Se amukubita ariko sibyo kuburyo Se yamukubita akanamubuza kuza ku ishuri». Se yarakosheje, kunywa cyane no gutuka Gakuba byari ibibazo bye.

Uwizeye arabaza ati «Twakora iki?»

Uwamahoro aravuga ati wenda twashaka umuntu mukuru wavugana na papa wa Gakuba kugira ngo arekeraho gupfa gukubita abana be. Ndetse uwo muntu mukuru yanamusaba kureka ubusinzi. Bukeye Uwizeye abwira Gakuba ibyo we n'Uwamahoro bavuganye. Ndetse anamusobanurirako ikosa ryari irya papa we. Gakuba yumvise abangamiwe.

Ariko yibuka ko Uwizeye arimo kugerageza kumufasha. Noneho Uwizeye agira inama Gakuba yo gushaka umuntu mukuru wabimufashamo. Gakuba yabanje kubitekerezaho, ntiyari azi abantu bakuru benshi yavugana nabo. Ikindi n'uko akunda papa we akaba adashaka kumushora mu bibazo. Uwizeye ati «wenda wabibwira nyoko». Gakuba ati «Simbizi, sinkeka ko haricyo byafasha kuko nawe abana na papa.» Uwizeye ati «Ese wenda ntiwabigeza kuri polisi?» Gakuba ati shwi ko nta polisi nzi, nkaba ntavugana nabo. Nkaba mbatinya.

Uwizeye ati «wenda wabibwira mwalimu» Gakuba ati «shwi sinabona menyesha mwarimu ibibazo byanjye. Uwizeye ati «ese urabizi, twabibwira Umutoni na Shyaka bakagira icyo babikoraho.» Noneho Gakuba ariyumvira aravuga ati «wenda nabiyambaza bakamfasha gufata icyemezo.» Uwizeye ati, «niwemeza icyo gukora nzagufasha» ubaye utagishoboye kubana na Papa wawe uzaze





ube iwacu kuko uri inshuti yanjye. Uribuka ubwo narimfite agahinda? Umbwira uti, “ndakora igishoboka cyose kugira ngo ngire icyo nakumarira”. Gakuba yanejejwe no kugira inshuti nk’Uwizeye kimwe nuko Uwizeye yanejejwe no kugira Gakuba

nk’inshuti ye. Banejejwe no kuba bashobora gufashanya, no mubihe bikomeye. Bari bishimiye imiryango yabo nubwo bayifitemo ibibazo. Naho Gakuba n’Uwizeye banejejwe cyane no kwicara hamwe bugufi n’ikidendezi.




Ese Uwizeye, “mama wanjye yarapfuye, mukuru wanjye, musaza wanjye nanjye turashavura. Ariko twize gufashanya imuhira; kandi nanjye ngerageza kwiga cyane. Ibyo rero byatumye ibintu byoroha.”

Dada wacu ati, “nk’umurezi mfite inshingano yo kwita ku bana ndera. Nzakora igishoboka cyose mbiteho.”



Mwarimu ati, “umwana afite uburenganzira bwo kwiga mu mashuri abanza ya Leta nubwo yaba adafite amafaranga y’ishuri, nubwo yaba afite ubumuga.”



Umutoni ati, “ntawemerewe kubababaza nubwo baba ababyeyi cyangwa abandi bavandimwe. Igihe hagize ukubabaza ugomba kwiambaza umuntu mukuru wizeye, ukamusaba kukunganira.”

Gakuba ati, “sinarinzi icyogukora igihe papa ankubita. Ubu maze kumenya ko nakomeza gusinda ngomba gutandukana nawe.



Ikindi namaze kumenya ko igihe byabaye ngombwa nakwiambaza umufasha akagira icyo anyunganiraho mubwiye ibibazo mfite.”

Inkuru Y'uwizeye Na Gakuba



Bimwe mubyabaye muri iyi nkuru bishobora kuba byarakubayeho cyangwa bikaba ku nshuti. Kubera iyo mpamvu wakwiyambaza umufasha nk'uwafashije Uwizeye na Gakuba. Mu mpera y'iyi mfashanyigisho harimo urutonde rw'abantu wakwiyambaza igihe bibaye ngombwa. Bitihuse washaka umuntu mukuru wagufasha kubona umuryango wo wakwiyambaza. ♦



Abantu bakuru basomera umwana iyi nkuru ibibazo mushobora kuganira ni ibi bikurikira:

- Ese Uwizeye yumvise bimugendekeye bite igihe nyina apfa?
- Umufasha yakoze iki kugira ngo abunganire?
- Ese Uwizeye yabyakiriye ate abonye Se wabo atangiye gufatanya nabo ubuzima?
- Ese Se wabo w'Uwizeye akwiye gufasha umuryango w'Uwizeye ate?
- Ese Gakuba abonyeko adashoboye kujya ku ishuri yabikozeho iki?
- Ese Gakuba yafashe ate ibyo se yakoze?
- Ese ibyabaye k'Uwizeye na Gakuba hari ukuntu bijya gusa n'ibyakubayeho?

Uburenganzira bwawe n'insingano n'ibihe?

Buri muntu mu Rwanda uwariwe wese nubwo yaba umwana muto afite uburenganzira bwinshi.

UBURENGANZIRA N'IKI?

Uburenganzira umuntu arabuvukana. Ni nk'izina ryawe, ishusho ry'amaso yawe cyangwa ibyo wizera. Ni bimwe mubikugize. Uburenganzira ntibugurishwa.

Uburenganzira nibwo abantu mu mudugudu, mu kagari, mu murenge, mu karere, mu gihugu no mu isi yose biyemeje kubahiriza, bakanubahana. Ubwo burenganzira buboneka mu cyo twita amategeko.

Igihe uburenganzira bwawe burengerwa n'Itegeko Nshinga, biba bishaka kuvuga ko igihe hagize ukuvutswa uburenganzira bwawe Leta igomba kukurengera. Uretseko ubundi Leta idahita ikurengera ako kanya. Bityo rero ugomba kumenya uburenganzira bwawe kugira ngo igihe bibaye ngombwa wirwaneho.

U Rwanda rufite amategeko menshi yanditswe. Hari Itegeko Nshinga ndetse n'andi mategeko. Hari Ndetse mategeko menshi y'ingenzi ku isi yose. Aya mategeko afata ibikureba byose nkibintu bifite agaciro karemerewe kuruta ibindi byose. Kandi ibyo bikureba biba bigomba kurengerwa hakurikijwe aya mategeko. Igihe ibihugu byinshi bifite amategeko, bikubahiriza uburenganzira harimo n'ubw'abana, bivuga ko uburenganzira bw'abana ari ingenzi pe.

Uburenganzira bukurikira ni bumwe mu burenganzira burengerwa n'Amategeko:



- Ufite uburenganzira bwo kubaho. Kubera icyo mpamvu ntawemerewe kukwica.
- Ufite uburenganzira bwo kudahoterwa cyangwa kugirwa imbata. Ntawemerewe kugubita cyangwa kukumenyera agufataho igihe utabishaka.
- Ufite uburenganzira bwo kwiga mu mashuri ya Leta. Wajya murayo mashuri ukiga nubwo waba udafite amafaranga akenewe. Waba ufite SIDA cyangwa ubumuga bwo kutumva, kutavuga, cyangwa utarora; ibyo ntibyakubuza kwiga nk'abandi.
- Ufite uburenganzira bwo kuba umuyoboze w'idini ukeneye iryariryo ryose.
- Ufite uburenganzira bwo kuburanishwa mbere yo gufungwa.
- Ufite uburenganzira bwo gushaka uwo wumva ukeneye; ntawagutegeka gushaka uwo utifuza, ibyo ariko bikorwa ar'uko wujuje igihe cyo gushaka.

INSHINGANO N'IKI?

Amategeko arengera uburenganzira bwawe; ariko akagutegeka kugira uburenganzira bwo kudakora ibivutsa bagenzi bawe uburenganzira bwabo. Burumwe afite inshingano yo kubaha mugenzi we.

Urugero rw'inshingano: igihe ujya kuryama ntusakuriza abo mumuryango wawe biryamiye; kimwe nuko nabo bafite inshingano yo kutagusakuriza igihe wiryamiye. Igihe wubahiriza uburenganzira bwa bagenzi bawe bituma uburenganzira budahinduka amagambo masa atagira shinge na rugero. Ufite inshingano nanone yo kubaha ababyeyi bawe.

ZIMWE MU NSHINGANO TUGOMBA KUBAHIRIZA NKUKO AMATEGEKO ABIVUGA:

- Amategeko arakurengera akanagutegeka gukora ibintu bitabangamira uburenganzira bwa bagenzi bawe. Ibyo bigizwe no kutagira uwo wica, no kubaho ntawe uhohotera.
- Ntiwemerewe kuvangura abantu. Bityo rero ntiwemerewe gufata umuntu nabi kuko ari uwigitsina gore cyangwa ar'ikimuga cyangwa mudahuje irangi ry'uruho, ubwoko cyangwa idini.
- Ufite inshingano yo kubahiriza amategeko y' u Rwanda.
- Aho uzagirira abana, uzaba ufite Inshingano yo kwita kubana bawe nk'uko ababyeyi bawe cyangwa umurezi wawe afite inshingano yo kukurera. Hanyuma numara gukura uzaba ufite inshingano yo kwita kubabyeyi bawe igihe bazaba bakeneye ubufasha bwawe.
- Ufite inshingano yo kurengera ibidukikije. Ntiwemerewe kwangiza no kwanduza ibidukikije, kimwe nuko ufite inshingano yo kudakwirakwiza imyanda.

IGICE II: Bireba Ingimbi N'abangavu

Iki gice cy'imfashanyigisho cyagenewe ingimbi n'abangavu. Uko ukura niko ugomba gufata ibyemezo by'ingenzi. Ese wenda urera barumuna bawe? Ese wenda uri mukugerageza gufasha inshuti iri mu kaga? Se wenda uribaza niba ugomba gokomeza kuba mu Ishuri. Ese wenda urateganya gushaka? Ese wenda uragerageza gushaka akazi? Buri wese aba afite ibye; kandi inshingano zacu twese zigenda zitandukana buhoro buhoro.

Iyi mfashanyigisho ibereyeho kukwigisha amategeko kugira ngo urenganurwe wubahiriza n'Inshingano zawe zawe. Niyo mfashanyigisho iguha ibitekerezo, ikakuyobora mu icyo wakora, n'uwagufasha kugira ngo ugere kucyo ushaka gukora. Yego iyi mfashanyigisho ntiyaguha amakuru yose wifuza; ariko ikugaragariza uburenganzira ufite n'icyo wakora kugira ngo bwubahirizwe. Igihe uzi icyo amategeko avuga ku burenganzira bwawe ukaba waharanira ubwo burenganzira biba byatunganye, kuko icyo gihe no gufata ibyemezo birakorohera.

Uziko igihe uvuka buri munyarwanda wese yakwemereye kubahiriza uburenganzira bwawe? Amategeko y'u Rwanda arengera ubwo burenganzira.

Buri Munyarwanda wese afite uburenganzira; rimwe narimwe usanga iby'amategeko avuga bihabanye n'ibibazo ucamo. Amategeko asobanura neza uko abantu bagomba gufata abandi; ariko usanga abenshi batazi ayo mategeko. Ndetse

abandi usanga bica amategeko nkana. Nicyo gituma amategeko asobanura uko umuntu yakwirwanaho igihe avukijwe uburenanzira bwe. Amategeko asobanura uko warega abakuvutsa uburenganzira bwawe; akanashyiraho ibihano by'A bavutsa bagenzi babo uburenganzira bwabo.

UBWOKO BW'AMATEGEKO AKURENGERA.

Hari ubwoko bubiri bw'amategeko arengera uburenganzira bwawe. Hari n'Amategeko mbonezamubano n'amategeko mpanabyaha. Imanza nyinshi n'ibibazo byinshi byo mu miryango bikemurwa hashingiye ku mategeko mbonezamubano.

Ayo mategeko avuga ibigomba gukorwa no kubahirizwa. Wagira uwo uhemukira ukabiryoza, ukamwishyura amafaranga y'indishyi byaba ngombwa.


Amategeko mpanabyaha atanga ingero kurwana, kwiba, gufata abakobwa n'abagore kungufu. Ayo mategeko ategeka ihazabu yishyurwa akanagenda igifungo cy'uwakoze icyaha. Wakwiyambaza polisi cyangwa inkiko igihe umuntu uwariwe wese yishe itegeko mpanabyaha cyangwa mbonezamubano ariko n'ukwica nanone Amategeko menshi nk'itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, amasezerano ya Loni kuburenganzira bw'umwana, Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye kuburenganzira

bw'abamugaye, amasezerano nyafurika yerekeye uburenganzira bw'ikiremwa muntu, imibereho n'uburenganzira by'umwana; Ayo yose arengera uburenganzira bw'abaturarwanda bose, harimo n'abana. Ayo mategeko yose yemezako mubyiza byose ntacyaruta umwana.

Nubwo mu Rwanda hariho amategeko menshi; Itegeko Nshinga niryo riza ku isonga. Niryo ritanga icyerekezo cy'andi mategeko agenderwaho. Itegeko Nshinga rivuga ko buri Munyarwanda wese afite uburenganzira bwo kudahohoterwa no gufatwa nk'umucakara, afite uburenganzira bwo kwiga, kwivuzza kandi ibitekerezo bye bigahabwa agaciro.

Umuntu uwariwe wese ntiyavutswa uburenganzira kubera imyaka ye, igitsina, idini, ubuzima bubi cyangwa bwiza. Uwavutsa umuntu uburenganzira bwe yabihanirwa. Hakurikijwe amategeko y'u Rwanda hamwe n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashizeho umukono, buri muntu wese afite uburenganzira bwa muntu bwibanze. Ariko uburenganzira bwa muntu

bubaho igihe bwemerwa bukanaharanirwa. Uko buri wese yifata yaba umuyobozi, mwalimu, umuturanyi, umubyeyi cyangwa umwana; nibyo biha agaciro ibyanditswe nk'amategeko nkuko tubibona.



Itegeko nshinga rivuga ko buri muntu afite uburenganzira bwo kubaho kudahohoterwa, no kudakoresheka imirimo y'ubucakara...


ITEGEKO NSHINGA RIDUHA UBURENGANZIRA BUKURIKIRA:

- Ufite uburenganzira bwo kubaho. Ntawemerewe ku kwica.
- Ufite uburenganzira bwo kubaho nta muntu uwariwe wese uguhohotera cyangwa ugufata nk'umucakara. Ntawemerewe kugukubita cyangwa kukwimenyereza agufata fata utabishaka.
- Ufite uburenganzira bwo gutungwa n'ababyeyi bawe hanyuma bapfa ugasigarana umutungo wabo (kuzungura) kabone nubwo baba barashakanye bitewe n'amategeko cyangwa baratandukanye. Abavandimwe bawe ntibemerewe kukuvutsa ubwo burenganzira.
- Ufite uburenganzira bwo gukorera mu mudendeko.
- Ufite uburenganzira bwo gusengera mu idini ushaka.
- Ufite uburenganzira bwo gukorera Leta cyangwa kuba umwe mubayigize.
- Ufite uburenganzira bwo gushinga urugo n' uwo wifuza kurushingana mu gihe wujuje igihe cyo gushinga urugo, ntawufite uburenganzira bwo kughata gushaka uri umwana.



IGIHE UKUZE

Kugeza ku myaka runaka, itegeko rivuga ko uba ukiri umwana. Mu Rwanda iyo ugejeje ku myaka 18 (hari n'aho bavuga 21), uba ukuze. Dukurikije amategeko bivuga ko wagejeje ku myaka y'ubukure.



Kugira ngo hatagira uvutswa uburenganzira bwe, burumwe amategeko remezo amutegeka kubahiriza inshingano zikurikira:

- Ufite inshingano yo kubahiriza amategeko y'u Rwanda
- Ufite inshingano yo kubahiriza uburenganzira bw'abandi bantu.
- Ntiwemerewe kuvugura umuntu uwo ariwe wese ushingiyeye ku ibara ry'uruhu rwe, ubwoko bwe, idini, igitsina cyangwa ubumuga ese wenda uburwayi.
- Ntiwemerewe kuvogera urugo rw'umuntu nyirarwo atabikwemerereye. Ibyo wabikora habayeho impamvu idasanzwe. Urugero wakwinjira urwo rugo kubera impamvu z'ubutabazi nko kurengera uwaba akomerekeye muri urwo rugo.
- Igihe uri umubyeyi ufite inshingano yo kwita kubana bawe.
- Ufite inshingano yo kurengera ibidukikije, ukabibungabunga, ukirinda kubyangiza kandi ukirinda gukoresha ubumara mu buryo bubangamiye abandi.

Iyo ugejeje ku myaka y'ubukure itegeko rigutandukanya n'ubwana. Ushobora kugira inshingano nshya, kuko ukuze kandi icyo gihe usabwa kuzuza inshingano nyinshi.

Igihe ufite imyaka 18 uba ufite uburenganzira bukurikira:


- Ushobora gutora
- Wakwivuzza udasabye uwariwe wese uruhushya. Urugero wakwipimisha virusi itera SIDA ntakibazo
- Wajya mu gisirikare kubushake bwawe, ntanuwo usabye uruhushya.
- Wasaba uruhushya rwo kugirwa mukuru nk'umuntu wujuje imyaka 21. ugomba kuba ufite 18

Igihe ufite imyaka 18 uba ufite inshingano zikurikira:

- Kwita kubana bawe ukabagaburira, ukabambika, ukabashira mu ishuri
- Kwita kubabyeyi bawe igihe bakeneye ibyo kurya n'aho baba bafite inzu babamo
- Kubaha amategeko wabyanga ukabihanirwa, urugero wafungwa igihe kirekire kurusha umuntu ukiri umwana.

Igihe ufite imyaka 21 uba ufite inshingano zikurikira:

- Nakora amasezerano ayari yo yose ntankomyi, kandi wagurisha ibyawe nta nkomyi nta nuruhushya ubisabiye.
- Waraga umuntu uwariwe wese, kugira ngo nupfa azasigarane ibyawe.
- Ushobora gushaka bitagomba uruhushya rw'inkiko.
- Ugomba kuba umurezi w'abana wabyaye.



WOWE N'UMURYANGO WAVE


Amategeko ategeka ababyeyi kugaburira abana babo, kubambika no kubagera aho barara ndetse no kubashyira mu mashuri; uretseko uwemerewe n'inkiko kuba umuntu mukuru yakwirengera no kwiyeza kuribyo ababyeyi bamugezaho ubusanzwe.

Igihe uri imfubyi urukiko rwakwemeza undi muntu mukuru wakubera umwishingizi. Umwishingizi yaba umuntu uwariwe wese w'umwizerwa ushobora gukuza umwana w'imfubyi; harubwo yaba nyogokuru cyangwa undi. Amategeko agenga ababyeyi nyirizina agenga umwishingizi. Umwishingizi arakugaburira akakwambika, akakubonera aho urara, akanagushyira mu Ishuri.

Uretse ko bidaturutse kubushake bwabo, harubwo umubyeyi wasigaye arumwe cyangwa abishingizi, bananirwa kugeza ibyangombwa kubana barera. Igihe bibaye bityo, Leta n'Imiryango idaharanira inyungu iri kurutonde ruri muri iyi mfashanyigisho iriyambazwa. Mu Rwanda usanga byibuze umwana umwe ku icumi aba afite byibuze umubyeyi umwe. Hari ababyeyi bapfa bazize icyorezo cya SIDA.

INSHINGANO Z'ABABYEYI N'ABISHINGIZI

Amategeko ategeka ko papa na mama b'umwana cyangwa abishingizi be (umugabo n'umugore) bamugezaho ibyo akenera byose kugira ngo abeho nk'umuntu ndetse bakanamushyira mu Ishuri.



Si ukubahiriza amategeko gusa; ahubwo n'umuco w'abanyarwanda ntiwemera umuntu utita kubana be cyangwa umwana utita ku babyeyi be igihe bakeneye gufashwa.

Nubwo ababyeyi baba batarashakanye byemewe n'amategeko, nubwo baba baratandukanye nihahandi amategeko abareba ntahinduka.

Amategeko ategekako ababyeyi bagomba kurera abana babo bakanabana nabo bakabitaho, baba ari abakene cyangwa baratandukanye. Nubwo waba wangana n'umubyeyi amategeko amutegeka kukurera. Uretseko igihe aguhohotera yaguha ibyangombwa ukeneye kandi mutabana. Gusa tutirengagije ko kwitwara nabi cyane k'umwana kumwambura uburenganzira bumwe na bumwe.



Ese igihe data atemera ko nd'umwana we cyangwa jye ntazi niba nd'umubyeyi bigenda bite?

Hari abagabo cyangwa abasore bahakana abana babyaye kubera guhunga inshingano zo kuba umubyeyi zigenwa n'amategeko. Igihe bimeze bityo hari ibigo byagufasha gutarura nyir'umwana uwariwewe. Ushobora kwiyambaza [Haguruka](#), kuri Tel. (+250) 554669 cyangwa (+250) 788300834, ibindi bigo byatanga ubufasha biri muri iki gitabo.

Ese kwemererwa ubukure n'iki?

Ababyeyi barekeraho kukurera mbere y'imyaka 21 ku impamvu 2:

- Igihe washatse
- Igihe amategeko yakwemerereye ubukure.hari

Ufite byibuze imyaka 18 niwe wenyine wakuzwa n'amategeko. Uretseko umubyeyi aba agomba gutangazako ubaye umuntu mukuru. Akenshi ababyeyi ntibemerako abana babo bakuzwa n'amategeko bataragera ku myaka 21. Igihe umubyeyi akugoye ushaka ubukure byemewe n'amategeko wakwiyambaza umurenge ukuyobora cyangwa umuryango udaharanira inyungu.bityo hakagira icyemezo gifatwa.

Igihe uri imfubyi ntamwishingizi ufite, wakwiyambaza umurenge ukuyobora kugira ngo amategeko akwemere nk'umuntu mukuru, bityo ushobora gukora amasezerano aho bibaye ngombwa.

Igihe umubyeyi wawe cyangwa umwishingizi, akubangamiye wasaba inkiko kugukuzza. Umwishingizi yaba anasesagura cyangwa yangiza umutungo warazwe; bityo ushobora gusaba urukiko kugukuzza kugira ngo ibyawe bishirwe mu maboko yawe ntambogamizi.

IGIHE UFITE UMURYANGO CYANGWA URUGO UYOBORA

Mu Rwanda hari ingo nyinshi ziyoborwa n'abana. Mu mwaka w'1 2008 imiryango irenga 100.000 yari iyobowe n'abana bari muni y'imyaka 18.

Igihe ufite umuryango uyobora biragorana nubwo waba ufite akazi. Amafaranga akaba make, kandi abana bagomba kugira umutekano w'ubuzima bakaniga.

Igihe bimeze bityo hari gahunda zinyuranye wakwiyambaza zaba iza Leta, zaba izibigo bidaharanira inyungu; na cyane igihe uyobora umuryango gusa ufite imyaka iri hasi ya 18. Hari imishinga imwe yaguhuzza n'abavandimwe wabuze; hari n'indi mishinga yakubonera icumbi ry'agateganyo. Igihe uri imfubyi, hari byinshi Leta yagufashamo nubwo waba utaruzaza imyaka 18.

Urugero: Minisiteri y'umuryango n'uburinganire(Migeprof) igenera abana b'imfubyi bataruzaza imyaka 18 imfashanyo yo kwivuza, kwiga, kugirwa inama, kugira icumbi n'ibyo kurya. Ibyo nibitwereka uburyo Leta idahwema gufasha abana bafite ibibazo buri gihe.

Muri iyi mfashannyigisho harimo urutonde rw'imishinga yaba iya Leta, yaba iyabaterankunga; ifasha imfubyi zitarageza imyaka 18.

ICYEMEZO CY'ABATISHOBOYE

Icyemezo cy'uko utishoboye gitangwa n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'umurenge utuyemo. Icyo cyemezo n'igishoboresha umukene nyakujya kubona inkunga, yaba iya Leta, yaba iyi miryango idaharanira inyungu. Hariho n'icyemezo cy'ubupfubyi gishoboresha imfubyi guterwa inkunga; igihe zitagira ababyeyi.

Ibyo byemezo bigira agaciro mu gihe cy'amezi 3 gusa. Bishaka kuvugako ugisaba ufite impamvu runaka igomba icyemezo nk'icyo. Icyemezo nk'icyo uracyisabira ku Murenge kuko kidapfa gutangwa.

Byakugora umwishingizi wawe akabigufashamo. Hari ubwo umurenge washyira abatishoboye mu byiciro. Hari abakeneye ubwisungane mu kwivuka, hari n'abakeneye amafaranga y'ishuri n'imyenda. Abo bose bandikwa buri cyiciro kurutonde rwacyo. Iyo bibaye bityo, abari kurutonde nkurwo ntibahabwa icyemezo cy'Abatishoboye kuko baba ku rutonde

rw'abagomba gufashwa ku murenge ibyo ariko bihera mu mudugudu kugirango hemezwe kuri umukene nyakujya. Icyemezo cyuko utishoboye kijyanwa hamwe gusa.

Igihe usabye icyemezo cy'abatishoboye, umuyobozi w'umurenge akubaza inkunga ukeneye n'ikigo kizagutera iyo nkunga. Aiko umuyobozi w'umurenge abanza kwiambaza ubuyobozi bw'umudugudu kugira ngo yemeze ko utishoboye koko, kandi ko ukeneye inkunga yibyo usaba.

Hanyuma umurenge wasanga ukwiye icyo cyemezo, barakwandika ukagihabwa. Imiryango myinshi idaharanira inyungu igufasha ar'uko ubahaye icyemezo kiriho izina ry'ikigo cyabo.

Urugero, kugira ngo Urugaga rw'Abavoka rukuburanire, cyangwa umurango runaka, ugomba kugira icyemezo kibivuka kandi kiriho izina ry'uwo muriyango, nk'urugaga. Naho iyo ukeneye ubufasha bwa za Minisiteri nka MINALOC, MIGEPROF n'izindi, ubicisha mu Murenge

Urugero rw'Icyemezo cy'abatishoboye:

ICYEMEZO CY'ABATISHOBOYE


Njyewe.....

Umunyamabanga nshingwabikorwa W'umurenge wa.....

Ndemezako Madame/Bwana.....mwene.....na.....

ufite C.I.....utuye mukagari ka.....akaba ari umukene utishoboye abagiranze babishoboye bamufasha kuko atishoboye. Icyemezo kizajyanwa gusa kuri.....ahandi nta gaciro gifite.

Byemejywe.....



ukuyobora. Nubwo waba udafite icyemezo, ariko ugomba kuba uri kurutonde rwatanzwe n'ibiro by'umurenge, Minisiteri igufasha mubyo ishoboye kandi ifitiye gahunda mu gihugu.

Icyemezo cy'Abatishoboye gifite aho kigarukira, kwivuza ugomba kugura mutuel mbere y'igihe. Ntigisimbura mutuel de santé. Ukeneye ibigo byagufasha kwivuza? Reba kuri wowe n'ubuzima bwawe muri iyi mfashanyigisho.


Kugirango ubone icyemezo cyuko utishoboye ugomba kwiambaza ubuyobozi bw'umudugudu n'ubw'umurenge utuyemo cyangwa ukiyambaza umwe mu miryango iri kurutonde ruri muri iyi mfashanyigisho kugirango bakugire inama.

Sanga Muteteli

Muteteli afite imyaka 19 kandi afite barumuna be 4, abakobwa babiri n'abahungu babiri. Igihe Muteteli yarafite imyaka 14 nyina yaje kwitaba imana. Nyuma yaho gato, papa we nawe yarapfuye. Umuryango wa Muteteli wasabye Umuyobozi w'umudugudu ko bafashwa. Ibyo babisabye nyuma gato yo gushyingura mama wabo. Nyuma se amaze nanone gupfa ibintu byabaye bibi kurusha. Ntamafaranga yo kubatunga no kwivuza bari bafite. Umudugudu wafashije Muteteli na bene nyina, bashobora kubona icyemezo cy'abatishoboye; ariko icyo cyemezo kibashoboresha kubona ibyo kurya n'icumbi. None ubu Muteteli yita kuri barumuna be, kandi afite icyizere cyo gukomeza kwiga. Muteteli yarangije amashuri yisumbuye none arimo kwiga ubucungamari.

Sanga Rukundo

Rukundo n'umwana wa kabiri mu muryango w'abana 6. Ababyeyi be bombi baherutse gupfa. Kuko uwo muryango ari mugari; Rukundo n'abandi bana bakuru ntibashobora kuwitaho bihagije. Rukundo yasabye ubuyobozi bw'umurenge inkunga yo kwishyura amafaranga y'ishuri y'abana 3 batoya; kuko 2 bakuru bo bakora. Ariko nihahandi ntibishoboye. Kubera iyo mpamvu Umurenge wabahuje n'ibigo bibaha ibi- batunga Kwishyura ayubukode by'agateganyo. Nubwo ibintu bigoranye; ariko Rukundo afite icyizere cyo kuzagira icyo ageraho gitafika. Avuga ko abafite umutima wa kimuntu bashobora kubatunga nk'imfubyi.



IBINTU BY'INGENZI UGOMBA KUMENYA NK'UMUYOBOZI W'URUGO RWANYU.

Igihe ufite umuryango uyobora uba ugomba kumenya ibi bikurikira:

Ese uvutse cyangwa upfuye byandikwa bite?

Abana batanditswe bakivuka harubwo babavutsa uburenganzira bwabo. Kwandikisha abana n'ingenzi kuko icyo kigushoboresha kwemeza imyaka y'umwana. Iyo ukiri muto hari amategeko akurengera kurusha cyane abantu bakuru. Kuvuka k'umwana kugomba kumenyekanishwa kubitaro wabyariyeho mu gihe cy'iminsi 15. Ibyo bikorwa n'ababyeyi b'umwana, baba badahari bigakorwa n'umuvandimwe ubishoboye. Icyo gihe uhabwa icyemezo cy'amavuko cy'umwana. Ibitaro byaba ibya Leta, cyangwa ibyikorera; byose biba bifite ibitabo byandikwamo abana bavutse. Twibutse ko umurenge nawo ushobora kuguha icyemezo cy'amavuko cy'umwana mu gihe ugisabye. Urupfu narwo rugomba kwandikishwa mu gihe cy'iminsi 15; bigakorwa n'umuvandimwe cyangwa uwariwe wese uzi iby'urupfu rwa nyakwigendera.

Kwandikisha urupfu muri Leta ugomba kuba ufite ibaruwa y'ibitaro yemezako nyakwigendera yapfuye. Iyo hakekwa ko nyakwigendera yishwe, polisi na muganga w'umwuga nabo bagomba gutanga raporo y'urwo rupfu. Ikindi nuko ibitaro byaba ibya Leta, byaba ibyikorera, bigira ibitabo byandikwamo abapfuye.

Ese kubona umwishingizi bigenda bite?

Ubwishingizi butangira ku mwana muto iyo se na nyina bapfuye, bazimiye, babuze cyangwa bambuwe ububasha bwa kibyeyi. Iyo umubyeyi ar'umwe arwaye cyane adashoboye kurera umwana, icyo gihe umwana ahabwa umwishingizi. Kugirango umwishingizi yemerwe bigomba umucamanza n'abavandimwe batandatu; batatu kuruhande rwa nyina na batatu kuruhande rwa se w'umwana hubahirijwe uko basumbana mu isano. Ibi nanone bikorerwa umwana war'usigaranye umubyeyi umwe akaza kwitaba Imana. Amagarama yishyurwa ni 2000 frws ashobora guhinduka igihe icyaricyo cyose.

Ese narera barumuna banjye byemewe n'amategeko ntaragera ku myaka 21?

Oya. Amategeko y'u Rwanda ntabyemera nubwo baba abavandimwe bawe. Ubaye ufite icyo kibazo, wakwiyambaza umuvandimwe cyangwa umuntu mukuru wizeye cyangwa kimwe mu bigo biri kurutonde muri iyi mfashanyigisho.

Ese ababyeyi banjye barapfuye nabona umutungo wabo nte?

Abana babahungu hamwe n'abana babakobwa bafite uburenganzira bungana bwo kuzungura umutungo w'ababyeyi babo bapfuye. Nubwo ababyeyi bawe baba barapfuye bataraze; wakwigaruriza byibuze 80% by'umutungo basize. Ushobora kwigaruriza inzu, amasambu, amafaranga n'ibindi byasizwe n'ababyeyi bawe nubwo baba batarashakanye byemewe n'amategeko cyangwa nubwo waba ufite umwishingizi.

Abishingizi bita ku mutungo w'abana barera. Umwishingizi agomba kwita ku mutungo wawe mu buryo butakubangamiye. Umwishingizi yita ku mutungo wawe kugeza igihe uhawe ubukure n'amategeko cyangwa kugeza igihe

ugiriye imyaka 21. Mu mitungo ufite harimo inzu, Umwishingizi agufasha kuyitwamo, atariwe cyangwa umuryango we. Umwishingizi ategatswe kuguha imitungo yawe amezi abiri mbere yuko wuzura imyaka 21. Umucamanza n'abandimwe baba bacungana n'ibikorwa by'Umwishingizi. Iyo yifashe nabi ashobora kubihanirwa. Ashobora gutanga ihazabu cyangwa agafungwa kubera imyifatire mibi. Ntiwazungura umutungo w'umwishingizi wawe keretse iyo yakuraze byemewe n'amategeko. Iyo hari abavandimwe be nibo bonyine bafite uburenganzira bwo kuzungura.

Iby'izungura biragorana, kubera iyo mpamvu harubwo wakenera ubifitemo ubumenyi kugira ngo abigufashemo.



Hanyuma se igihe Umwishingizi ari mukugerageza gutwara inzu cyangwa undi mutungo jye na barumuna banjye twahawe n'Ababyeyi nabyifatamo nte?


Igihe umuntu atwaye inzu cyangwa undi mutungo bitari ibye aba yibye. Mu Rwanda abaturanyi cyangwa abavandimwe bajya bigaruriza umutungo w'abana bibana. Igihe hatari urengera abana abavandimwe cyangwa abaturanyi bigarurira umutungo wabo. Ibindi bihe usanga umuvandimwe cyangwa Umwishingizi yigarurije umutungo noneho agasigara afashe babana ba nyir'umutungo nabi. Ibyo ntibishigikirwa na Leta namba kandi bihanwa n'amategeko.

Iyambaze ubuyobozi bukwegeraye cyangwa mu gihe wavukijwe uburenganzira bwawe cyangwa wiyambaze imiryango [ADEPE kuri \(+250\) 788570369](tel:+250788570369), [FACT Rwanda kuri \(+250\) 788305707](tel:+250788305707) na [Haguruka kuri \(+250\) 554669](tel:+250554669) cyangwa [cyangwa \(+250\) 788300834](tel:+250788300834), cyangwa ibindi bigo biri muri iki gitabo. Ibi bigo byashobora kuguha n'uri mugutwara ibyawe. Bitashoboka ukajya kurega mu nkiko. Igihe habayeho impaka kubera umutungo; imanza harubwo zitinda. Ni mur'urwo rwego imishinga nk'iyi igushakira aho wacumbika igihe ugitegereje kugarurizwa inzu yawe.

IBINTU BY'INGENZI UGOMBA KUMENYA NK'UMUYOBOZI W'URUGO RWANYU

Abana ibihumbi batuye ku mihanda yo mu mijyi y'u Rwanda. Abana benshi nta mago babamo, barazerera. Ibyo biterwa no kubura abantu bakuru bo mu miryango babitaho kuko bamwe bazize intambara, na jenocide, SIDA n'ibindi. Leta igerageza guhuza abana bo kumihanda n'imiryango yabarera, aho kubajyana mu bigo byabagenewe by'agateganyo kuko buri karere kagifite. Abana ntibagomba kumara iminsi irenze 3 mu bigo by'inzererezi by'agateganyo (transit centers). Abo bana baba bagomba kwakirwa mumacumbi yabagenewe. Leta y'u Rwanda iragerageza gufasha abana batagira amacumbi mu buryo bukurikira:

Kuva mu 2008 Leta yashyizeho ibigo 12 mu gihugu byita kubana bikababonera amacumbi, ibyangombwa by'ibanze ndetse bikanashyira ku murongo ibihumbi by'abana bo ku mihanda. Noneho hakaba hariho na gahunda yo guhugura ababyeyi n'abashinigizi kugira ngo abana barera be kwirukankira kujya kwandagara ku mihanda; ahubwo bitabire amahugurwa yo kwitoza imirimo igihe bitegura kuba abantu bakuru (kugera ku myaka 21).



GUSEZERANA

Mu Rwanda Itegeko Nshinga riguga ko nta washaka abihashwe. Ugomba kuba ufite imyaka 21 kugira ngo ushake cyangwa ushakwe byemewe n'amategeko. Igihe ufite hasi y'imyaka 21 ugomba guhabwa uburenganzira na Minijust (Minisiteri y'ubutabera). Ariko nubwo bigenda bityo, mubyarwo by'u Rwanda imiryango itegeka abana gushaka bataruzuzwa imyaka 21. Abashatse bataruzuzwa imyaka 21 usanga ari umugore 1 kubagore 5 mu Rwanda.

Ese nasezerana nte byemewe n'amategeko?

Mu Rwanda abasezerana basezeranywa n'ibiro by'umurenge. Wasezerana igihe icyaricyo cyose usanze ari ngombwa; uretseko gusezerana biba byiza igihe wowe n'umufasha wawe mukeneye kubara no kuvanga umutungo. Iyo musezeranye, hari amafaranga mutanga uretseko iyo murahiriye hamwe, byoroha kuko mutanga make kurusha umugore n'umugabo basezeranye ari bonyine. Waba utarageza ku myaka 21 ugomba gusaba Minisiteri y'ubutabera uruhushya kugira ngo ushobore gusezerana byemewe n'amategeko.

Kuki ari ngombwa gusezerana byemewe n'amategeko?

Amategeko y'u Rwanda yemera ishingirwa rishingiye kw'Itegeko. Amategeko arengera ubashakanye mu buryo bungana mu gihe babana na nyuma yaho; nukuvuga nyuma yo gupfa cyangwa nyuma yo gutandukana. Amategeko y'abashakanye avuga ko abashakanye bafite inshingano zingana zokurera abana babo. Iyo basezeranye ivangamutungo rusange ntawiharira umutungo. Iyo bitabaye bityo umuntu yarega uwo bashakanye kugira ngo urukiko rumuhe ububasha ku mutungo wa mugenzi we arimo kwiharira. Ariko igihe mutashakanye byemewe n'amategeko, muba mutegekwa kwita kubana gusa. Ivangamutungo niribarwa kuko muba mutarasezeranye namba.

Ibyo rero bitandukanye n'ibyabashakanye mu buryo bwemewe n'amategeko. Waba umwe mu bagore basangiye umugabo umwe, nta burenganzira uba ufite namba, kuko gushaka umugore cyangwa umugabo urenze umwe bihanwa n'amategeko. Uwashatse umugore urenz'umwe yabifungirwa kuva ku myaka 3



Nubwo mwaba
mwarashakanye bya
gihanga; cyangwa
nubwo mwaba
mumaranye imyaka
myinshi mufitanye
n'abana benshi,
ariko mukaba
mutarasezeranye
byemewe
n'amategeko
Iyo mibanire
yanyu idakurikije
amategeko niba
yemewe namba.

ni 5 ndetse agatanga n'ihazabu. icyemezo cy'abashakanye kiba ari mpamo, gitandukanye cyane n'icyiganano. Abayobozi b'inzego z'ibanze bakorana n'imishinga inyuranye yakugirira akamaro. Ubwo wakwiyambaza ubuyobozi bw'umudugudu cyangwa ubw'umurenge. Imiryango idaharanira

Sinashatse byemewe n'amategeko. Nakora iki kugira ngo nirengere?

Igihe icyo aricyo cyose mushobora gusezeranira ku murenge. Igihe mutagishoboye gusezerana, mwakwiyambaza imiryango idaharanira inyungu iri muri iyi mfashanyigisho kugira ngo mushobore gukemura ibibazo bituruka ku gusezerana kwanyu kwananiranye ndetse n'abana banyu mushobore kubarera bidateje ikibazo.

Hanyuma se igihe umugabo wanjye ankubita nkaba ntagamije gutandukana nawe?

Amategeko avugako gukubitwa nuwo mwashakanye ar'impamvu ifatika yatuma abashakanye batandukana. Urukiko rusuzuma imyitwarire y'umufasha wawe hamwe n'uburenganzira bw'abana banyu kugira ngo abo bana batazahohoterwa. Ibyo urukiko rubikora igihe rugena uzabana n'abana. Nubwo umufasha wawe yaba atakibana nawe muba mufite inshingano yo gutunga abana mwabyaranye. Abayobozi b'inzego z'ibanze bakorana n'imishinga inyuranye yakugirira akamaro. Ubwo wakwiyambaza ubuyobozi bw'umudugudu cyangwa ubw'umurenge. Imiryango idaharanirainyungu ikurikira yagira icyo ikumarira; uretseko bamwe bazagusaba icyemezo cy'abatishoboye, abandi bakazagusaba amafaranga naho abandi bakabigukorerera utagize icyo utanze.



ABO USHOBORA KWIYAMBAZA

ADEPE (IGIKORA CYO GUTEZA IMBERE ABANTUO)

Agasanduku k'iposita (P.O. Box 4048)

Gisenyi, Rubavu District. Tel. (+250) 788570369

ADEPE ifasha guha ubushobozi imiryango n'abana batishoboye mu Karere ka Rubavu ibunganira mu by'amategeko ikabafasha kwiyunga. ikabafasha mu mishinga ibyara inyungu ikabaha n'amafaranga mu gihe ari ngombwa.

AMAHORO ASSOCIATION

Email: adeperu@yahoo.fr

P.O.Box 4525, Gasabo District, Bugufi n'ibiro by'Umurenge wa Kacyiru, Kigali. Tel. (+250) 788406504

Ishyirahamwe Amahoro ryibanda kubana barwaye SIDA; kandi rikagira gahunda zihariye z'abana batarerwa n'umuntu mukuru uwariwe wese. icyo kigo gikora ubwunganizi, kikagira abantu inama, kigatera inkunga mu byo kwivuzwa, kigatera inkunga y'ibyo kurya hamwe n'inkunga y'amafaranga. Ikindi nuko iki kigo cyagufasha kubona inkunga y'ibigo bya Leta.

BARAKABAHO

Kigali. Tel. (+250) 788567486

Barakabaho ifite gahunda zihariye z'abana batagira abantu bakuru babarera, na cyane abo bamaze kwandura agakoko gatera SIDA. Barakabaho gahunda y' imishinga ibyara inyungu kandi ishobora kuzamura abana bibana. Barakabaho .

FACT RWANDA (IKORA UBUVUGIZI KU BANTU BAHOHOTERWA KU MPAMVU RUNAKA. URUGERO: GUKUBITWA UKANAKOMERETSWA)

P.O. Box 729, Umurenge wa Kacyiru, Kigali.

Tel. (+250) 788305707. www.fact.org.rw

FACT itera inkunga abana bababajwe mu buryo bwateguwe; ikanakorana n'abantu bakuru mu kurwanya ihohoterwa. FACT ifite gahunda y'ubujyanama kandi ikanatanga amahugurwa k'uburenganzira bwa muntu. By'umwihariko FACT ifite telephone ihoraho ivugirwaho n'abafite ibibazo by'iryo bababazwa byavuzwe haruguru. Telephoni ni 3232.

GISIMBA MEMORIAL CENTER

P.O. Box 1433, Nyabugogo, Nyamirambo, Nyarugenge District, Kigali. Tel. (+250) 788524515 cyangwa (+250) 788532596.

sites.google.com/site/gisimbaorphanage08

Gisimba Memorial Center n'ikigo cy'imfubyi cyita kumibereho myiza y'abana b'imfubyi bagituyemo. Abo bana bagirwa inama nziza, bagashyirwa mu mashuri kandi bagahabwa ibyangombwa byose kugira ngo bakure neza.

HAGURUKA

P.O. Box 3030, Boulevard y'Umuganda, Kigali.

Tel. (+250) 554669 cyangwa (+250) 788300834.

www.haguruka.org.rw

Haguruka igira inama abana n'abagore muby'amategeko, ikabunganira mu nkiko, ikabafasha mu bibazo byinshi birebana n'uburenganzira bwabo, igatera Ikemura ibibazo by'abahakana abo babyaye cyangwa abahabwa abana batabyaye, kandi ikanakemura ibibazo birebana n'izungura


WOWE NO KWIGA MU ISHURI

Kwiga gutuma ubaho neza mu buzima. Kubera iyo mpamvu buri mwana w'umunyarwanda afite uburenganzira bwo kwiga akagera byibuze mu mwaka

wa gatatu wisumbuye. Ababyeyi n'abandi barera abana batari ababo bafite inshingano yo kohereza abana bo barera mu mashuri. Nta mubyeyi cyangwa n'undi urera umwana utari uwe wemerewe kubuza umwana arera kujya mu mashuri, yaba afite amafaranga cyangwa atayafite. Leta y'u Rwanda kandi isobanura neza mu mabwiriza yayo, ko ntakigo cy'amashuri

abanza ya Leta cyemerewe gusaba amafaranga y'ishuri. Kubera iyo mpamvu nta mwana ugomba kwirukanwa mu mashuri kubera ikibazo cy'amafaranga, ivangura rishingiye ku gitsina cyangwa ubumuga. Abarezi birukana abanyeshuri mu mashuri abanza bashobora kubihanirwa.

Amasezerano nyafurika ku burenganzira n'imibereho myiza y'abana yemezako umwana wese afite uburenganzira bwo kwiga. Kuko u Rwanda rwasinye ayo masezerano, rwijeje



LED (LES ENFANTS DE DIEU)

P.O. Box 616, Ndera, Gasabo District, Kigali.
Tel. (+250) 520663. www.enfantsdedieu.org

LED n'ikigo gitera inkunga abana baba ku mihanda. LED ifite urugo rwagenewe abana bava kumihanda. Urwo rugo ruba I Ndera hafi ya Kigali. LED yigisha abana bava ku mihanda uko bakwihangira imirimo, ikanabashakira amacumbi ikanabigisha n'ibindi. LED yagufasha igihe uhohotewe ikabimenyesha Polisi. Uzirikaneke bamwe mukorera LED nabo bigeze kurara mu mihanda.

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION (MIGEPROF)

Primature, Kimihurura. Tel. (+250) 577626,
(+250) 577203, cyangwa (+250) 576455.
www.migeprof.gov.rw

MIGEPROF iha ubufasha bunyuranye abana bari muni y'inyaka 18 ibavuze, ibagisha, ibagira inama, ibaha amacumbi n'ibiryo. Akenshi abo bana baba arimfubyi cyagwa se bavuye ku mihanda. Akenshi izo gahunda izicisha mu mirengi ku gira ngo abagenerwa bikorwa zibagereho mu buryo bworoshye.

MINISTRY OF LOCAL GOVERNMENT, COMMUNITY DEVELOPMENT AND SOCIAL AFFAIRS (MINALOC)

P.O. Box 3445, Kigali. Tel. (+250) 582229
cyangwa (+250) 583595. www.minaloc.gov.rw

MINALOC itera inkunga abana badafite ubushobozi bwo kwishyura amafaranga y'ishuri. Gahunda zo gufasha abana igenda izicisha mu mirengi nkuko na MIGEPROF ibikorera.

SAVE THE CHILDREN

P.O. Box 295, Kiyovu/Omega House, Kigali.
Tel. (+250) 252572921.

1 St John's Lane, London EC1M 4AR.

Tel. (+0044) 20 70126400.

www.savethechildren.org.uk/en/987.htm

Save the children Fund n'umuryango mpuzamahanga ukorera mu Rwanda, ugatera inkunga abana, ukabavuze, ukabaha ibyo kurya, ukabashyira mu mashuri ndetse ukabagira n'inama. Uwo muryango uhuza abana n'umuryango yabo iyo batari kumwe, ukabigisha kwihangira imirimo ukanabatera inkunga y'amafaranga.

SOS (IKIGO CY'ABANA)

P.O. Box 1168, Kigali. Tel. (+250) 583874.
www.sos-childrensvillages.org/where-we-help/africa/rwanda/pages/default.aspx

Sos village n'umuryango mpuza mahanga ufasha abana batagira ababyeyi bakabaha aho baba, bakajya mu ishuli. Akenshi baba bari mu kigo cya SOS

UYISENGAN'IMANZI

P.O. Box 7257, Gasabo District, Kigali. Tel. (+250) 585462.
Email: uyisenga@rwanda1.com. uyisenganimanzi.org

Uyisenga n'Imanzi yibanda kugutera inkunga imfubyi zasizwe iheruheru na jenocide, imfubyi zibana n'agakoko ka SIDA. Icyo kigo gifasha abana gukorera hamwe; buri mwana akagira icyo yigira k'uwundi. Icyo kigo gitera inkunga abashyamba, gitanga kinkabagira inama ndetse kigashira abana mu mashuri

ibindi bihugu ko umwana afite uburenganzira bwo kwiga.

Ikibabaje nuko abana b'imfubyi bo mu Rwanda birera, bake niba bajya barangiza amashuri yisumbuye.

Leta irimo kugerageza kugabanya ibibazo by'amafaranga bigora abana bakeneye kwiga. Leta yateganijeko abana bazajya bigira ubuntu kugeza ubwo bazarangiza amashuri yisumbuye. Kuva mu mwaka w'2010 imaze gushyiraho amashuri ya Leta adasaba abana amafaranga y'ishuri (nine basic education). Umubare w'imirengi ifite bene ayo mashuri urimo kugenda wiyongera.

Hanyuma se igihe mwalimu cyangwa Umuyobozi w'ikigo cy'amashuri yategetseko jyewe na barumuna banjye nitutazana imyenda y'ishuri, ntitwishyure ibitabo, ntituzasubira kwiga; ubwo amaherezo bizamera bite?

Amategako asobanura nezako amashuri ya Leta kuva ku mwaka wa mbere w'amashuri abanza kugeza ku mwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye, atemerewe gusaba abanyeshuri amafaranga. Ababyeyi n'abarera abana batari ababo bajya batanga agahimbaza musyi k'abarimu kugira ngo bigishe neza; ariko icyo nticyatuma umwana utishyuye amafaranga yirukanwa, cyangwa ngo bamwime indangamanota cyangwa go afatirwe ibindi byemezo.

Igihe wowe na barumuna bawe mufite hasi y'imyaka 18; gusa abarimu bakaba bakwirukana mu mashuri matoya kuko mudafite amafaranga y'imyenda y'ishuri, ibikoresho byo mu ishuli, amafaranga y'agahimbamusyi y'abalimu cyangwa yo gusana amashuri cyangwa se andi mafaranga ayo ariyo yose; mwakwiyambaza ubuyobozi bw'umurenge ubayobora cyangwa umwe mu miryango iri kurutonde rukurikira. Bashobora kuvugana n'abalimu banyu n'abayobozi b'ibigo kugira ngo babemerere kwiga, kuko kwiga mu mashuri abanza ari ubuntu kandi ari n'uburenganzira bwanyu. Ikindi nuko umurenge wabaha icyemezo cy'abatishoboye iyo ari ngombwa kugira ngo mubone inkunga y'ibyo mukeneye bityo mushobore kwiga.

Jye ndi mu mashuri yisumbuye kandi mwalimu arimo kunyirukanira amafaranga y'ishuri n'ibikoresho ntafite. Ubuse nakora iki?

Ibigo biri kurutonde rukurikira bishobora kugutera inkunga ukabona amafaranga y'ishuri n'ibikoresho utagira (imyenda y'ishuri n'ibindi). Hari n'imiryango yagutera inkunga ugashobora kwiga nubwo waba udafite icyemezo cy'abatishoboye.

Hanyuma se mwalimu cyangwa undi muntu avuzeko ntashobora kwiga kuko ndi umukobwa ubwo byagenda bite?


Umukobwa afite uburenganzira bwo kwiga kimwe n'umuhungu. Imiryango imwe usanga ivana abana b'abakobwa mu mashuri kugira ngo bakore imirimo mu rugo. Ariko rero

igihe ukiri hasi y'imyaka 18 ufite uburenganzira busesuye bwo kwiga nubwo waba utwite cyangwa nubwo waba ufite umwana.

Itegeko rirabikwemerera. Kubera iyo mpamvu nta muntu uwariwe wese ukwiye kugukanga kugira ngo uve mu ishuri ngo kuko uri umukobwa. Nta muntu numwe ufite uburenganzira bwo kukuvana mu ishuri uko byaba kose.

Hanyuma se igihe mwarimu cyangwa undi muntu ambujije kwiga kubera ubumuga nifitiye nagira nte?

Amategeko aha abana uburenganzira bwo kwiga, niyo nawe abuguha nubwo waba waramugaye, udashoboye kugenda, utarora, utumva, cyangwa ufite uburwayi bwa SIDA.





ABO WAKWIYAMBAZA

Egera Abayobozi b' Umudugudu cyangwa Umurenge bagufasha muri byinshi mbere yuko wiyambaza imiryango mpuzamahanga. Ubuyobozi bw'ibanze bufite gahunda ndende yo gutanga ubufasha ushobora no kwiyambaza imiryango idaharanira inyungu mu gihe ari ngombwa kandi imyinshi ifatanywa ibikorwa n'Imirenge. Iyo imiryango idaharanira inyungu itanga ubufasha buciriritse rimwe na rimwe bigusaba icyemezo cy'uko utishoboye kugirango ikwemerere kuguha ubufasha. Indi isaba ko uba ufite muni y'umyaka runaka. Iyo umuryango runaka udashoboye kugufasha, ugushakira undi muryango wagufasha.

ADEPE (ACTION FOR THE DEVELOPMENT OF PEOPLE, ACTION POUR LE DEVELOPPEMENT DU PEUPLE)

P.O. Box 4043, Gisenyi, Rubavu District.

Tel. (+250) 788570369. Email: adepeu@yahoo.fr.

ADEPE ifasha guha ubushobozi imiryango n'abana batishoboye mu Karere ka Rubavu ibunganira mu by'amategeko ikabafasha kwiyunga ikabafasha mu mishinga ibyara inyungu ikabaha n'amafaranga.

AMAHORO ASSOCIATION

P.O. Box 4525, Gasabo District, near Kacyiru Sector office, Kigali. Tel. (+250) 788406504.

AMAHORO yibanda muguha ubufasha abana babana n'agakoko gatera SIDA kandi ikagira gahunda yihariye yo gufasha abana badafite abantu bakuru babitaho. Ihuza abafite amakimbirane igatanga inama, ikavura, igatanga ibyo kurya, ikanatanga amafaranga ku batishoboye.

BARAKABAHO

P.O. Box 2507, Kigali. Tel. (+250) 788567466.

BARAKABAHO ifite gahunda yihariye yo gufasha abana badafite abantu bakuru babitaho cyane cyane ababana n'agakoko gatera SIDA. Itera inkunga imishinga ibyara inyungu ku bana bakuriye ingo ikanatanga n'amafaranga.

NATIONAL YOUTH COUNCIL

P.O. Box 4460, Rwandex, Kigali.

Tel. (+250) 502348 cyangwa (+250) 518371.

National Youth council = Inama y'Igihugu y'urubyiruko igizwe n'abakorera bushake kuva ku midugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu. Abanyamuryango bayo bagomba kuba bafite kuva ku myaka 14 kugeza ku myaka 35.

Uwo muryango uharanira uburenganzira bw'abana n'ubuvugizi kandi ushinze kwita k'urubyiruko muri rusange. Ushobora kwiyambaza icyo kigo

CHABHA (CHILDREN AFFECTED BY HIV/AIDS)

P.O. Box 4525, Gasabo District, Kacyiru Sector, Kigali. Tel.

(+250) 788454354.

16 Bradley Ave. Brattleboro, VT 05301 USA.

Tel. (+001) 802 2582440.

www.chabha.org

CHABHA yihatira kuzamura imibereho y'abana batishoboye ibigisha imyuga ikanabaha n'amafaranga abafasha, ubwisungane mu kwivuza ku bana babikeneye cyane cyane kubabana n'agakoko gatera SIDA.

GISIMBA MEMORIAL CENTER

P.O. Box 1433, Avenue de la Nyabugogo, Nyamirambo, Nyarugenge District, Kigali.

Tel. (+250) 788524515 cyangwa (+250) 788532596.

sites.google.com/site/gisimbaorphanage08

GISIMBA memorial center n'ikigo kirera abana b'impuvuye gifasha abana kugeza igihe babaye bakuru, kikabigisha, kikabagira inama, kikabarebera aho kuba hakwiye.

LES ENFANTS DE DIEU (LED)

P.O. Box 616, Ndera, Gasabo District, Kigali.

Tel. (+250) 520663.

www.enfantsdedieu.org

LED n'umuryango wita kubana baba mu muhanda uri i Kigali icyicaro cyawo kiri i Ndera abenshi bawukoramo bigeze kuba mu muhanda LED ifasha abantu kubona amacumbi, igatanga amahugurwa, ikaba yanafasha abantu abahohotewe ibahuzira na Polisi.

MINISTRY OF EDUCATION (MINEDUC)

P.O. Box 622, Kigali. Tel. (+250) 583051

cyangwa (+250) 582774. www.mineduc.gov.rw

MINEDUC ibereye gushyira mu bikorwa Politiki yo kwigira ubuntu amashuri abanza ku banyarwanda bose kugeza mu mwaka wa 2010.



ABO WAKWIYAMBAZA

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION (MIGEPROF)

Primature, Kimihurura. Tel. (+250) 577626, (+250) 577203, cyangwa (+250) 576455.

www.migeprofe.gov.rw

MIGEPROF iha ubufasha bunyuranye abana bari muni y'inyaka 18 ibavuzi. Ibigisha, ibagira inama, ibaha amacumbi n'ibinyo. Akenshi abo bana baba ari mfubyi cyagwa se bavuye ku mihanda. Akenshi izo gahunda zicishwa mu mirenga ku gira ngo abagenerwa bikorwa zibagereho mu buryo bworoshye.

MINALOC (MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU)

P.O. Box 3445, Kigali. Tel. (+250) 582229

Cyangwa (+250) 583595. www.minaloc.gov.rw

MINALOC itanga ubufasha ku bana badashoboye kwirihira amashuri iyavanye mu kigega cyabigenewe.

RÉSEAU RWANDAIS DES PERSONNES, VIVANT AVEC LE VIH (RRP+)

P.O. Box 6130, Kigali. Tel. (+250) 788305155.

RRP+ yibanda ku bantu babana n'agakoko gatera SIDA ikabafasha kwivuza, kwiga, ikanabakorera ubuvugizi.

SOLIDARITE (UMURYANGO W'ABARWAYE SIDA)

Kigali. Tel. (+250) 788549830.

Umuryango wibanda kugufasha abana kujya mu mashuri. Abatiga barunganirwa bagatangira kwiga hari igihe rimwe na rimwe bahabwa inkunga y'amafaranga. Uyu muryango utanga amahugurwa yihariye y'abana bakandamizwa. Nk'abakozi bo murugo cyangwa abana bagizwe abasirikare. Uyu muryango ufite amatsinda afasha abakobwa bahohoterwa. Kandi niwo muryango wafasha abakobwa gutanga ibirego kuri polisi igihe bahohoterwa.

SOS (IKIGO CY'ABANA)

P.O. Box 1168, Kigali. Tel. (+250) 583874.

www.sos-childrensvillages.org/where-we-help/africa/rwanda/pages/default.aspx

SOS Village n'umuryango mpuza mahanga ufasha abana batagira ababyeyi bakabaha aho baba, bakajyanwa mu mashuri. Babashyize mu bigo by'imfubyi mu Rwanda.

Sanga umufasha Bertin Mulinda Shambo


Umuhuzabikorwa wa WE – ACTx for Hope

Ushinzwe imfubyi n'abana b'imbabare. Navukiye i Goma (RDC); ariko mu myaka 13 mubyukuri nari nk'imfubyi. Ubuzima bwanjye nk'umwana bumwe nabumaze mu nkambi y'impunzi. Sinashoboraga kuja mu mashuri. Kubera iyo mpamvu nize gusoma ibitabo ndi imuhira. Nasomye ibitabo by'ubwoko bunyuranye, ariko iby'abana bari mukaga cyangwa iby'abantu bagiye baca mu bibazo bigoranye byaranshimishaga bya cyane. Abantu bakuru narikumwe nabo ntibakunze gukora ibinezeza. Urugero, bari bafite amafaranga ariko ntibigeze banjyana ku ishuri. Nubwo nari nkiri umwana mutoya nakuze mfite intege yo kuzakura ngakora akazi ko gufasha abana. Nibyiza guteganyiriza ibihe bizaza. Iyo umaramaje bigeraho bigatungana.

Sanga umufasha Naila Munganyinka WE-ACTx for Hope

Ushinzwe ubuvugizi ku miryango akaba umwe mu batangije umuryango

Niba ugerageje kubaho neza ukanatekereza neza wagira ubuzima bwiza. Ni byiza kugira ubuzima bufite intege, ukemera ko ibintu byose bishoboka ndetse no mu bihe bikomeye. Urugero: iyo uri umwana ukaba ubana n'agakoko gatera SIDA, ushobora gukomeza kubaho ubuzima bwiza. Ushobora gushaka, ukanabyara. Ariko ugomba kumenya kwirinda no kutanduza abandi. Abantu benshi bagira ibibazo by'umubiri ariko ntibamenye ko bafite ibibazo byo mu mutwe. Bacyeka ko ububabare bwabo butabona igisubizo, ariko ni byiza kumenya kwita ku bitekerezo byawe uko witwara no kubungabunga umubiri wawe.



WOWE N'UBUZIMA BWawe

Amategeko y'u Rwanda aha buri wese (n'abana) uburenganzira bwo kwivuka k'ubuntu igihe udashoboye kwishyura muganga. Kwivuka bikubiyemo no kwipimisha agakoko gatera SIDA hamwe no kwikingira indwara; bitari byabindi byo gutegereza kubanza kuremba ukabona kujya kwivuka.

Nubwo byumvikana muri ubwo buryo, rimwe na rimwe abantu birukanwa kwa muganga kuko batashoboye kwishyura amafaranga akenewe. Amategeko y'Urwanda ntabyemera namba ndetse n'amabwiriza ya Minisiteri y'ubuzima.

Igihe byagenze bityo ubuyobozi bw'Umudugudu cyangwa bw'Umurenge bwagufasha mu gihe ufite ikibazo giteye gityo.

Nta mafaranga menshi ngira. Ese nakwishyura nte amafaranga yo kwa muganga?

Harubwo imirenge iba ifite amafaranga yo gufasha abana n'abandi badashobora kwishyura amafaranga yo kwa muganga. Nukuvuga ko ikwishurira mutuel Gerageza kuvurwa ku kigo nderabuzima kikwegereye. icyo kigo nderabuzima nikigusaba amafaranga uziyambaze kimwe mu bigo biri kurutonde ruri muri iyi nyandiko. Kuvurwa n'uburenganzira bwawe.

Ese ubwisungane mu kwivuka bukora bute?

Minisiteri y'ubuzima yashyizeho umushinga w'ubwisungane mu kwivuka witwa MUTUEL DE SANTE. Ubu bwisungane butuma buri wese ashobora kwivuka, nubwo yaba akennye. Igihe



ABAGUFASHA

Ibigo nderabuzima bikurikira bica amafaranga hakurikijwe ayo ushoboye. byakomera bakakuvurira ubuntu. Ibigo bimwe bivura abagore n'abana mu buryo bw'umwihariko. Ariko uzajye ubanza kubaza niba ibigo nk'ibyo bisaba icyemezo cy'abatishoboye mbere yo kuvurwa.

AVEGA AGAHOZO (ISHYIRAHAMWE RY'ABAPFAKAZI BA JENOSIDE)

P.O. Box 1535, Kigali. Tel. (+250) 516125.

Email: avega@rwanda1.com. www.avega.org.rw.

AVEGA yatangiye ifasha abasizwe iheruheru na jenocide yakorewe abatutsi. Ubu noneho AVEGA ikomeza gufasha imbabare, ikanibanda ku mushinga w'icyorezo cya SIDA. Kuko abenshi baba barahohotewe bakanduzwa icyo cyorezo.

FAMILY HEALTH INTERNATIONAL CLINIC

P.O. Box 3149, Sainte Famille, Kigali.

Tel. (+250) 576193 cyangwa (+250) 788306173.

info@fhirw.org

PARTNERS IN HEALTH / CLINTON HIV/AIDS INITIATIVE (CHAI)

P.O. Box 402, Kacyiru Sector, Kigali.

Tel. (+250) 252580142 cyangwa (+250) 252580143.

RWANDA WOMEN'S NETWORK

P.O. Box 3157, Kigali. Tel. (+250) 583662.

WE-ACTX HEALTH CLINIC

P.O. Box 5141, Kigali. Tel. (+250) 788302797.

ufite Mituweli uri umunyamuryango wayo ushobora kwivuka ku kigo nderabuzima cya Leta; uretseko harubwo icyo kigo cyakohereza ku bitaro bikuru. Umuntu uwari wese, w'imyaka iyo ariyo yose yajya muri Mituweli. Mu mwaka w'2010 Mituweli yishyurwaga 1000FRw kuri buri muntu. Ariko ubu kuva mu kwa karindwi 2011 abatishoboye bazishyura 3000 FRw abakene nyakujya bishyurirwe na Leta 2000 FRw abakozi n'abandi bishoboye 7000FRws. 10% azakomeza atangwe muri buri cyiciro

Ibigo bimwe byagufasha kwishyura Mituweli, bikanagufasha kwishyura ayo 10%; igihe ababyeyi cyangwa abishingizi bawe badashobora kuyishyura. Kugira ngo ujye muri Mituweli wagisha inama ubuyobozi bw'umudugudu, ubuyobozi bw'umurenge cyangwa ikigo nderabuzima kikwegereye.

Ese nakoresha icyemezo cy'abatishoboye kugira ngo nivuze?

Oya. Icyemezo cy'abatishoboye ntigishobora gusimbura Mituweli. Uretseko hari imiryango idaharanira inyungu igusaba icyemezo cyuko utishoboye kugira ngo bashobore kukwishyurira Mituweli.

Mbagamirwa no kujya kwa mugaga kuko mba Ntinya ko muganga yavugaga icyo ndwaye ku bandi.

Amategeko y'u Rwanda ntiyemerera abakozi bo mu mavuriro kumenyekanisha amabanga k'uburwayi bw'abarwayi baza babagana; uretse wenda habayeho impamvu zidasanzwe. Igihe uri umwana w'imyaka iri hasi ya 18; muganga ashobora gusobanurira umubyeyi wawe cyangwa umwishingizi wawe icyo urwaye.

Hari uburyo amabanga ku cyorezo cya SIDA abikwa cyane ndetse.

Ndatwite, ariko numva ndi muzima. Ese ubwo ningombwa ngo njye kwa muganga?

Yego. Ugomba kujya kwa muganga nacyane mu mezi yambere kuko ugomba kwiga uko wakwifata. Ushobora ndetse ufite agakoko gatera SIDA, wabyifatamo nabi umwana wawe akazayandura, kuko 90% y'abana bafite agakoko ka SIDA bayandura mbere yo kuvuka, bavuka cyangwa nyuma yo kuvuka. Umwana yakonka nyina akandura ako gakoko. Iyo wirinze, ugakurikiza amabwiriza umwana wawe yavuka adafite ako gakoko nubwo wowe waba waranduye. Kwitabira gahunda byagufasha kubyara umwana muzima. Ikindi nuko nubwo umwana wawe yavuka yaranduye, abaganga baguha amabwiriza y'ukuntu wamurera akagira ubuzima bwiza.

Navugana nande ku mibonano mpuzabitsina, kwirinda ubwandu hamwe no kuringaniza urubyaro?

Abigisha ibyimyorokere bagira inama ababagana kuburyo bagira imibonano mpuzabitsina izira ubwandu, bagakoresha udukingirizo. Gahunda yo kuringaniza urubyaro iri mu gihugu hose ndetse abajyanama b'ubuzima babihuguwemo kuburyo wahabwa ubufasha mu mudugudu utuyemo. Ibigo nderabuzima byinshi byo mu Rwanda bitanga ubujyanama ku buzima bw'imyorokere, ndetse ibyo bigo bikanatanga udukingirizo ku buntu. Igihe utwite nawe ushobora kwiyambaza amavuriro avugwaho muriyi nyandiko akakugira inama akanagufasha.

IBIREBANA NA SIDA

Agakoko gatera SIDA niko gatera indwara zibiyuririzi. Abantu benshi mu Rwanda harimo n'abana, bagize ibiyuririzi biturutse ku cyorezo cya SIDA.

Amabwiriza ya minisiteri y'ubuzima na TRAC avugako guhabwa amakuru no kugirwa inama ku cyorezo cya SIDA bikorwa k'ubuntu ndetse n'abaganga bakakubikira ibanga ubaye ubishaka. Kuvurwa SIDA no gufata imiti y'ibiyuririzi, nikubushake kandi bigakorwa mu ibanga. Kandi waba udafite amafaranga ukavurwa k'ubuntu. Igihe uri uruhinja umubyeyi wawe ashobora kukwanduza biciye mu mashereka. Iyo ukuze, ushobora kuyandurira mu nshinge zo kwa muganga cyangwa ukayandurira mu mibonano mpuzabitsina. Iyo ukoresheje agakingirizo neza kandi buri gihe ntabwo ushobora kwandura.

Ikibabaje nuko abana bato bagenda bandura kubera gufatwa ku ngufu. Igihe umwana yafashwe ku ngufu, kwa muganga bagomba kumusuzumira ubuntu. Nyuma muri iyi mfashanyigisho hasobanurwa icyakorwa igihe habayeho gufatwa ku ngufu.

KWIPIMISHA SIDA

Ushobora kwipimisha SIDA k'ubuntu. Ningombwa kumenya ibyawe uko bimeze; kugira ngo ubaye waranduye we gukomeza kwanduza abandi, kandi ikindi wibande ku gufata imiti ituma ubuzima bwawe bugenda neza. Ubaye uri muzima ubwo biba bibaye ngombwa kwirinda. Abaganga bapima agakoko gatera SIDA barakwigisha, bakaguhaha imiti bakanagufasha ubaye utwite.

Igihe ugomba kwipimisha virusi itera SIDA ugomba kugirwa inama mbere yo kwipimisha kugira ngo umenye uko uhagaze. Ukagirwa inama nyuma yo kwipimisha kugirango umenye igisubizo. Ntavuriro ryagupima Virusi itera SIDA utabanje kugirwa inama mbere y'igihe. Ugirwa inama ku gakoko gatera SIDA abikorera k'ubuntu kandi k'ubushake. Gupimwa kwawe bikorwa mw'ibanga, uretse wenda igihe ukiri umwana.

Mbere yo gupimwa ugomba kubanza kwemera, bivuga ko wasobanuriwe byose ku mikorere. Bitabaye ibyo ntiwaba upimwe kubushake.

KWIPIMISHA IGIHE UTARUZUZA IMYAKA 18

Igihe utaruzuza imyaka 18, umubyeyi wawe cyangwa umwishingizi wawe yakwemerako wipimisha SIDA. Ubwo nukuvugako muganga agomba kumenyesha umubyeyi cyangwa umukuza wawe ibyavuye mu gupimwa. Ariko igihe weho nkumwana ufashe icyemezo cyo

kwipimisha wabibwira muganga washaka ukamusaba kukubikira ibanga ndetse nuwo mubyeyi cyangwa umukuza ntamenye ikiriho. Icyo kirashoboka igihe muganga abona kumenyesha umubyeyi cyangwa umukuza wawe ibyavuye muruko kwipimisha bitazakugwa neza.

Urugero, hurubwo umubyeyi cyangwa umukuza yagutuka cyangwa akakwirukana akurikije ibyavuye mu gupimwa kwawe. Nacyane, igihe uhamyako bazakurera, umubyeyi cyangwa umukuza wawe amenyeko wanduye; wasabi



ABO WAKWIYAMBAZA

Egera Abayobozi b'Umudugudu cyangwa Umurenge bagufashe. Ubuyozi bw'ibanze bufite gahunda ndende yo gutanga ubufasha, ushobora no kwiyaamba imiryango idaharanira inyungu kandi imyinshi ifatanye ibikorwa n'Imirenge. Iyo miryango itanga ubufasha buciriritse rimwe na rimwe ikagusaba icyemezo cyuko utishoboye kugirango ikwemerere kugufasha nta bwishyu. Indi isaba ko uba ufite muni y'imyaka runaka. Iyo umuryango udaharanira inyungu udashoboye kugufasha, ugushakira undi muryango ushobora kugufasha. Ubwo rero n'ugukomeza kwegera iyo miryango kugeza igihe uboneye ubufasha.

AMAHORO ASSOCIATION

P.O. Box 4525, Gasabo District, Bugufi n'ibiro by'Umurenge wa Kacyiru, Kigali. Tel. (+250) 788406504.

AMAHORO yibanda muha ubufasha abana babana na agakoko gatera SIDA kandi ikagira gahunda yihariye yo gufasha abana badafite abantu bakuru babitaho. Ihuza abafite amakimbirane igatanga inama, ikavura, igatanga inkunga y'ibyo kurya, ikanatanga ubufasha rimwe na rimwe bw'amafaranga, inafasha abantu muri rusange.

BENISHYAKA

P.O. Box 1091, Boulevard de L'Umuganda (opposite Novotel Umubano Hotel), 2nd Floor, Kacyiru Sector, Kigali. Tel. (+250) 587083. www.benishyaka.com

Benishyaka yashyizweho kugira ngo itere inkunga abagore n'abana bazahajwe n'itsembabwo, bakabigisha kwihangira imirimo. No kubaho mubuzima hejuru y'ibyo byose Benishyaka itera inkunga y'abanyeshuri igatanga n'amafaranga aho abaye ngombwa. Abafasha bakorana n'abo babyeyi hamwe n'abana bakabagira inama.

CHABHA (CHILDREN AFFECTED BY HIV/AIDS)

P.O. Box 4525, Gasabo District, Kacyiru Sector, Kigali. Tel. (+250) 788454354. 16 Bradley Ave. Brattleboro, VT 05301 USA. Tel. (+001) 802 2582440. www.chabha.org

CHABHA itera inkunga abana babayeho nabi; bakigishwa kwihangira imirimo, bagashyirwa mu mashuri, abagomba ubwisungane mu kuvurwa bakabujyamo kandi abarwaye SIDA bagafashwa muburyo bunyuranye.

DUFATANYE: RWANDA COMMUNITY LAW, ANTI-DISCRIMINATION NETWORK

P.O. Box 5141, Kigali. Tel. (+250) 788618384.

Dufatanye n'urwunge rw'ibigo hamwe n'abanyabikorwa bo muri WE-ACTx. Uyu mushinga utanga ubufasha mu by'amategako abantu bafite ubwandu cyangwa se barwaye Sida. Umushinga urabigisha, ukabunga igihe bagize amakimbirane n'abandi bantu ndetse ikabakorerwa ubuvugizi.

muganga akakubikira ibanga ry'ubwo bwandu. Igihe wanduye kwa muganga bakugira inama yaho wakomeza kugirwa inama, aho wavurirwa nicyo wakurikizaho nyuma yo kumenyaho wanduye.

KUBANA N'UBWANDU BWA SIDA

Amategeko avugako utanenwa cyangwa ngo uvangurwe imuhira, kukazi cyangwa ahandi aho ariho hose; igihe wanduye SIDA.

Igihe kimenyekanye ko wanduye, abagupima bakumenyesha ivuriro uzajya ufatiramo imiti. Uhabwa imiti y'ibyuririzi, iyubuganga, iy'igituntu hamwe n'izindi ndwara. Iyo miti itangwa kubuntu iyo ufite Mitiweli. Abarwayi ba SIDA, itegeko ribemerera guhabwa iyo miti. Abantu benshi bamaze kwandura baranavurwa, bakarama kandi bakagira ubuzima bwiza. Igihe wanduye uba ugomba kubimenyesha abo mugirana imibonano mpuzabitsina; kuko wanduje umuntu SIDA ubigendereye wafungwa ubuzima bwawe bwose.

IMBUTO FOUNDATION

P.O. Box 7141, Kigali. Tel. (+250) 59062082.

Imbuto foundation ifite ibikorwa binyuranye by'ubuvuzi bigamije gufasha abana n'abagore. Imbuto ifasha abana n'abantu bakuru barwaye kwigirira icyizere, ikanigisha ababyeyi batwite n'a bafite ikibazo cy'ubwandu uburyo bagomba kwitwara.

MIGEPROF (Ministry of Gender and Family Promotion)

Primature, Kimihurura. Tel. (+250) 577626, (+250) 577203 cyangwa (+250) 576455. www.migeprof.gov.rw

MIGEPROF iha ubufasha bunyuranye abana bari muni y'imyaka 18 ibavuze. Ibigisha, ibagira inama, ibaha amacumbi n'ibiryo. Akenshi abo bana baba arimfubyi cyagwa se bavuye ku mihanda.

MINISITERI Y'UBUZIMA

P.O.Box 84, Kigali. Tel. (+250) 577458. www.moh.gov.rw

Minisiteri y'ubuzima ifite inshingano yo kuvura abanyarwanda kandi ikabavura neza, ikanateza imbere ubwisungane mukwivuza. Niyo iyobora umushinga witwa TRAC uri kumuhanda witwa Boulevard de la Revolution, P.O. Box 2717, Kigali. Tel. (+250) 57847 cyangwa (+250) 578472, www.tracrwanda.org.rw. TRAC nicyo kigo cy'igihugu gishinzwe kuvura no gukora ubushakashatsi ku cyorezo cya SIDA. TRAC itanga n'amakuru ku ndwara zandurira mu myanya ndangagitsina. Ukeneye Ibisobanuro watelefone 3334 na 3335 Umurongo utishyurwa.

RRP+ (RÉSEAU RWANDAIS DES PERSONNES VIVANTS AVEC LE VIH/ SIDA)

P.O. Box 6130, Kigali. Tel. (+250) 788305155.

RRP yibanda ku banti banduye agakoko gatera sida, igatanga ubufasha ku buzima by'imyororokere, igatanga amafaranga yo kwivuza hamwe n'amafaranga y'ishuri ndetse ikanavugira abagenerwabikorwa.

SAVE THE CHILDREN

P.O. Box 295, Kiyovu/Omega House, Kigali.

Tel. (+250) 0252572921.

1 St John's Lane, London EC1M 4AR.

Tel. (+44) (0)20 70126400.

www.savethechildren.org.uk/en/987.htm

Save the children Fund n'umuryango mpuzamahanga ukorera mu Rwanda, ugatera inkunga abana, ukabavuze, ukabaha ibyo kurya, ukabashyira mu mashuri ndetse ukabagira n'inama. Uwo muryango uhuza abana n'imiryango yabo iyo batari kumwe, ukabigisha kwihangira imirimo ukanabatera inkunga y'amafaranga.

SWAA RWANDA (IHUMURE)

P.O. Box 5196, Kigali. Tel. (+250) 583884.

Email: swaar@rwandatel1.rwanda1.com. www.swaa.org.rw

SWAA ifite ibiro 3 muri Kigali, Gitarama na Kibungo. Ibyo biro bishinzwe gukangurira abagore n'abakobwa kwitabira gahunda z'imyororokere hamwe no kurwanya SIDA. SWAA ifite umushinga w'ubujyanama, inkunga hamwe no kwigisha iby'ubuzima bw'imyororokere.

UYISENGAN'IMANZI

P.O. Box 7257, Gasabo District, Kigali. Tel. (+250) 585462. Email:

uyisenga@rwanda1.com. uyisenganimanzi.org

Uyisengan'Imanzi yibanda kugutera inkunga imfubyi zasizwe iheruheru na jenocide, imfubyi zibana n'agakoko ka SIDA. Icyo kigo gifasha abana gukorera hamwe; buri mwana akagira icyo yigira k'uwundi. Icyo kigo gitera inkunga y'ubwunganizi muby'amategeko, kikunga abashyamba, gitanga inama kikanashyira abana mu mashuri.

WOWE N'AKAZI KAWWE

Abana benshi mu Rwanda bava iwabo bakajya gukorera amafaranga, kandi bataruzuzwa imyaka 18. Leta yagaragaje ko mu mwaka wa 2007 hari abakozi 450,000 bari bafite hasi y'imyaka 18 (1 mu bana 10).

Amategeko arengera abana kugira ngo badafatwa nabi cyangwa bagakora akazi kabananza cyane. Ufite uburenganzira bwo kudahatwa gukora akazi akariko kose. Abakoresha bagomba guhanwa bagacibwa ndetse ihazabu kubera gukoresha abakozi b'abana bitemewe n'amategeko. Wenda ntiwahanwa kuko wakoze utarageza ku myaka 18; ariko gukora ukiri umwana hari ukuntu byakuzanira ingorane. Wakomerekerwa ku kazi, kandi umukoresha wawe ntagire icyo akumarira. Ushobora guhembwa make kurusha abo muhije akazi; bakagufata nabi abakuru bagafatwa neza kubera ko bazi kwiburanira.

Ushobora kunanirwa kumeyekanisha ibibazo haba k'umukoresha wawe cyangwa kuri polisi kuko utinye gutakaza akazi kawwe.

Aho ukora hakwiye kuguha amahoro. Kubera iyo mpamvu ntukwiye guhabwa akazi gashobora kwangiza ubuzima bwawe.

Imirimo mibi cyane ikunze kuba mu mirima y'icyayi, y'imiciri, y'ibisheke; gukora mu mishinga y'amatafari n'ahacukurwa umucanga ndetse n'uburaya. Abakobwa benshi bagahohoterwa cyangwa bagakoreshwa imirimo ivunanye iyo bakora mu ngo barera abana cyangwa bakora amasuku ku bakoresha batanziranye.



Niryari nemerewe gukora akazi k'umunsi wose?


Imyaka 18 niyo mikeya kugirango wemererwe gukora akazi ka masaha umunani ku munsi iminsi 5 mu cyumweru. keretse iyo ubyishakira ubwawe ntabwo wahatirwa gukora mbere yiyo myaka.

Igihe ufite hasi y'imyaka 16 wakora akazi ar'uko ufite uruhushya rw'ababyeyi bawe cyangwa ukurera. Ako kazi kagomba gukorwa ku manywa. Ntugomba gukora hagati ya saa moya z'umugoroba na saa kumi n'imwe za mugitondo. Kandi ugomba kuruhuka amasaha 12 ku munsi. Ntiwemerewe gukora akazi kabangamiye ubuzima bwawe hakurikijwe amabwiriza n'amategeko ya Minisitiri y'umurimo, nko gukora mu mago bitari ugufasha ababyeyi bawe, gukora mu mirima y'icyayi, y'umuceri n'ibisheke no gukorera mu mishinga ikora amatafari, imishinga icukura amabuye harimo n'amabuye y'agaciro ndetse n'uburaya. Wemerewe gukora akazi mbere yuko wuzuzwa imyaka 16 igihe ababyeyi bawe bagusabye ko ubafasha. Ntibemerewe nabo kugukoresha imirimo ivunanye.

Igihe ufite imyaka 14 kandi wararangije amashuri abanza ushobora kwiga umwuga nko guteka no gusudira. Ikindi nuko ushobora gukora utaruzuzwa imyaka 16 igihe akazi ukora katabangamiye ubuzima bwawe, kandi katakubuza kwiga amashuri.

Nakora iki igihe mfashwe nabi ku kazi?

Leta ihana abantu bakuru bakoresha abana mu buryo bunyuranye n'amategeko; kandi ihana ababyeyi bohereza abana babo bato mu kazi kandi batararangiza amashuri abanza.



Igihe uhaswe n'ababyeyi bawe cyangwa umwishingizi cyangwa abavandimwe bawe gukora akazi kanyuranyije n'amategeko yavuzwe hejuru, wakwiyambaza ubuyobozi bw'Akagari n'ubwumurenge bukuyobora kugira ngo babigufashemo. Leta yakoze ibishoboka byose kugira ngo ishyire mu bikorwa amategeko arengera abana; ariko haracyariho ikibazo cy'abagenzuzi b'umurimo bacye. Kubera iyo mpamvu byaba byiza wiyambaje ibigo biri kurutonde ruri muriyi mfashanyigisho.

Minisiteri y'umurimo ikorana n'izindi Minisiteri nka Minisiteri y'uburezi. Izo minisiteri ziha amasomo abana bavuye mu mashuri baja gukora akazi. Minisiteri y'umurimo ifite ibigo by'abana batoya bakoraga akazi kanyuranye n'amategeko gusa bakaba badashobora gusubira iwabo cyangwa bakaba badafite ingo babamo. Abenshi muri bo basubiye mu mashuri.

Mfite ubuhe burenganzira kukazi nk'umubyeyi ukibyara??

Ntiwakwirukanwa ngo kuko utwite cyangwa uri mu kiruhuko cy'umubyeyi wabyaye. Abagore bafite uburenganzira bwo kujya mu kiruhuko babyaye amezi 3 niyo bahabwa. Ikindi nuko

igihe byemewe n'umukoresha, umubyeyi aba yemerewe isaha imwe ya buri munsu mugihe cy'akazi, kugira ngo ajye konsa umwana. Iyo saha yo konsa yemererwa kumara amezi cumi n'abiri nyuma yo kugaruka ku kazi. Igihe umwana wawe apfuye, ukwezi kumwe cy'ikiruhuko nyuma yo kuvuka uragihabwa.

Kujya mu Gisirikare cyangwa mu mitwe yitwara gisirikare

Amategeko yemerera umuntu kutajya mu gisirikare cyangwa mu mitwe yitwara gisirikare mu gihe atabyiyemeye; . Ntiwemerewe kujya mu gisirikare, nubwo waba ubishaka utarageza ku myaka 18. Har'ubwo abana batoya baja mu gisirikare bavuye mu mashuri kubera ko bakeneye kugira icyo bamarira imiryango yabo. icyemezo cyo kujya mu gisirikare ni wowe ugifata, ariko igihe ubishoboye uzajye wirinda kukijyamo utaruzaza imyaka ikwiye. Ugomba kuba uzi impamvu ikujyanyemo, usobanukiwe ibibazo by'abasirikare uko biteye uniyumvisha impamvu ushaka kuba umusirikare.



ABO WAKWIYAMBAZA

Egera Abayobozi bu Umudugudu cyangwa Umurenge bagufashe. Ubuyobozi bw'ibanze bufite gahunda ndende yo gutanga ubufasha ushobora no kwiya mbaza imiryango mpuzamahanga tuza kukubwira kandi imyinshi ifatanywa ibikorwa n'Imirenge. Iyo imiryango mpuza mahanga itanga ubufasha buciriritse ushobora kwishyura imwe muri yo ishaka ko uyereka icyemezo cy'uko utishoboye kugirango ikwemerere ko utayishyura. Indi isaba ko uba ufite munsu y'imyaka runaka. Iyo umuryango mpuzamahanga udashoboye kugufasha ugushakira undi muryango wagufasha. Ubwo rero nu gukomeza kwegera iyo imiryango mpuzamahanga kugeza igihe uboneye ubufasha.

ADEPE (ACTION FOR THE DEVELOPMENT OF PEOPLE, ACTION POUR LE DEVELOPPEMENT DU PEUPLE)

P.O. Box 4043, Gisenyi, Rubavu District.

Tel. (+250) 788570369. Email: adepeu@yahoo.fr.

ADEPE ifasha guha ubushobozi imiryango n'abana batishoboye mu Karere ka Rubavu ibunganira mu by'amategako ikabafasha kwiyunga ikabafasha mu mishinga ibyara inyungu ikabaha n'amafaranga.

BENISHYAKA

P.O. Box 1091, Kigali. Tel. (+250) 587083.

www.benishyaka.com

Benishyaka yashyizweho kugira ngo itere inkunga abagore n'abana bahuye n'ikibazo cya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, bakabigisha kwihangira imirimo. Hejuru y'ibyo byose, Benishyaka itera inkunga abanyeshuli, igatanga n'amafaranga aho abaye ngombwa. Abafasha bakorana n'abo babyeyi hamwe n'abana bakabagira inama zitandukanye.

MIFOTRA (MINISITERI Y'UMURIMO)

P.O. Box 403, Kigali. Tel. (+250) 585714.

www.mifotra.gov.rw/lang/en/index.php

Minisiteri y'abakozi ba Leta n'umurimo ishinze kureba iyubahirizwa ry'amategako areba umurimo, banareba niba abakozi bakorerwa ahantu hakwiye.

RDRP (IKIGO GISHINZWE GISUBIZA ABASIRIKARE MU BUZIMA BUSANZWE)

P.O. Box 7277, Kigali. Email: demob@rwanda1.com

cyangwa.demobrwanda@yahoo.com.

Tel. (+250) 583620 cyangwa (+250) 587159.

www.mdrp.org

RDRP n'umushinga wa Banki y'Isi ushinze kwigisha, kugira inama no gusubiza mu buzima busanzwe abahozwe mugisirikare. Uwo mushinga ubigisha kwihangira imirimo. RDRP ifite umushinga wo gufasha abana bavuye mu gisirikare. Abenshi muri abo bana bava mu gihugu cya Republika iharanira democrasi ya Congo aho bari mu mitwe yitwara gisikare. Abo bana barafashwe nyuma yaho bakoherezwa iwabo kubana n'abavandimwe babo.

SOLIDARITE (UMURYANGO W'ABARWAYE SIDA)

Kigali. Tel. (+250) 788549830.

Umuryango wibanda ku gufasha abana kuja mu mashuri. Abatiga barunganirwa bagatangira kwiga. Har'ubwo bahabwa inkunga y'amahanga iyo ubushobozi buhari. Uyu muryango utanga amahugurwa yihariye y'abana bakandamizwa nk'abakozi bo murugo cyangwa abana bagizwe abasirikare. Uyu muryango ufite amatsinda afasha abakobwa bahohoterwa. Kandi niwo muryango wafasha abakobwa gutanga ibirego kuri polisi igihe bahohotewe.

Umutekano wawe
n'ikintu cy'ingenzi buri
gihe, ufite uburenganzira
bwo kuwuhagurukira.



GUKUMIRA NO GUKURIKIRANA IBY'IHOHOTERWA

Guhohoterwa n'igihe umuntu ababaje undi byaba kumubiri we, mu buryo bwo guhuza ibitsina, mu myumvire no mu bitekerezo. Umuntu yaguhohotera igihe agukubise, igihe agufashe ku ngufu, igihe akubwiye nabi bikakubabaza. Guhohoterwa /gutukwa byatuma wiyumvamo ibintu bibi byinshi. Byatuma wumva uri umuntu mubi, ukigunga, ntanshuti nta muryango. Byatuma ugira agahinda, ukarakara, ugacika intege ukana.

Nakora iki kugira ngo nirwaneho?

Ni ngombwa kubana n'abantu bo wizera. Igihe ugiye hanze ukwiye kujyana n'inshuti. Ntukajye ahantu aho ariho hose wenyine cyangwa n'umuntu utazi cyangwa utizeye. Uzirikane ko hari abantu bakuru bamwe bazagushukisha amafaranga, bakwizeza ibitangaza, impano ndetse bakagusabako wagira icyo ubamarira. Ntukibeshye ngo wibwireko uwo mutego wa wusimbuka. Ibyo nukubyamaganira kure ndetse ukareba uwo wizeye ukabimumenyesha. Ugomba gukoresha ubwenge bwawe, wakumva ibyo bakubwira bitakubangukiye ukabireka. Ntukibeshye ngo wenda kwamagana abantu nkabo n'imico mibi cyangwa se agasuzuguro. Umutekano wawe nicyo gikuru kuruta ibindi byose. Ugomba kwihagararaho.

Igihe wumva ko ushobora guhohoterwa, ugomba gukora ibishoboka byose kugira ngo witandukanye nuwo muntu ushobora kuguhohotera. Ugomba kumwiyaka mu maguru mashya. Ntugategereze ngw'ikibazo kibanze kivuke. Kandi ubonye udashoboye kwitandukanya nawe, ni byiza ku bwira



umuntu wizera nk'inshuti, mwalimu, cyangwa umujyanama. Wabibwira na polisi. Akenshi bahohotera abandi bitwazako utazagira uwo ubibwira kuko bigutera isoni ndetse bikakubangamira. Ariko uk'ubibwira abantu benshi niko ushobora kubona benshi bagufasha.

Ihohoterwa iryariryo ryose ribangamira uburenganzira bwawe waba umukobwa cyangwa umuhungu uko waba ungana kose.

Iki gika gisobanura uko wakwirwanaho hamwe nicyo wakora igihe wahohotewe cyangwa undi muntu wahohotewe.

IBYINGENZI UGOMBA KUMENYA KU IHOHOTERWA IGIHE: URERA ABANA

ry'abana rikorwa mu buryo bwinshi. Umubyeyi cyangwa urera umwana mu buryo bwemewe n'amategeko afite inshingano yo gufata neza umwana arera. Ibi bivuga ko, niba uri umubyeyi ugomba guha umwana ibiryo bihagije n'icyo anywa, akaba ahantu heza, ukamwambika ukanamushyira no mu ishuri. Umuntu mukuru urera umwana ntacyo agomba kwitwaza cyamunaniza kurinda uwo mwana.

Urugero umubyeyi cyangwa urera umwana mu buryo bwemewe n'amategeko ashobora kwitwaza ko abura ibyangombwa bikwiriye kuko uwo mwana ari umukobwa. Iyo nta bushobozi afite inshingano yo gusaba imfashanyo kugirango afashe uwo mwana kubaho neza.

Igihe umwana atitaweho akandagazwa n'umubyeyi cyangwa umwishingizi we; uwo muntu mukuru ukoze icyo cyaha yafungwa kuva ku mwaka kugeza kumyaka 15 agatanga n'ihazabu. Igihe umwana afite ubumuga cyangwa apfuye kuko atamwitayeho ashobora gufungwa burundu.

Hariho n'ibihano by'umwihariko igihe umubyeyi atitaye ku mwana we kubera ko ari umuhungu cyangwa umukobwa. Hari ibihano by'igifungo hamwe n'ihazabu bigenerwa abo badatabara abahohoterwa cyangwa bakanga gutanga ubuhamba bw'uwahohotewe.

Guhohoterwa umwana bishobora kubaho mu buryo bwo kumukubita byakinyamaswa, cyangwa ukagira ukundi umubabaza by'indenga kamere. Umuntu mukuru wahohoteye umwana ashobora gufungwa kuva ku mezi 6 kugeza ku myaka 3; ariko agatanga n'ihazabu. Hanyuma igihe umwana amugaye cyangwa bikamuviramo urupfu, uwahohoteye afungwa ubuzima bwe bwose. Nubwo waba wasinze nta yoroshya cyaha ribaho iyo wahohoteye umwana, amategeko ntiyakudohorera namba.

Umuntu mukuru, umwishingizi arahanwa igihe agize uwahohoterwa, wenda akamuhutaza ku mubiri we cyangwa akamufata ku ngufu.

Nk'umwana urera abandi nawe iryo tegeko riramureba igihe uhohoteye abo urera nawe uhanwa byintangarugero.

Ni ngombwa kumenyako amategeko mashya arimo gushyirwaho. Ni muri urwo rwego igihe uhohotewe ukagira uwo ubibwira akakwihorera aba akoze icyaha.

Urugero, ubwiye mwalimu ko so wanyu yagukoze ku gitsina cyangwa agufata ku ngufu; mwalimu agomba gufata ingamba akabimenyesha polisi. Bitaba ibyo uwo mwalimu agomba kubihanirwa, agafungwa ndetse akanatanga n'ihazabu. Bityo rero amategeko avugako buri wese afite inshinga yo kurengera abana kugira ngo badahohoterwa.

IHOHOTERWA, N'IBIKORWA BYAKINYAMASWA BOKORERWA ABANTU

Guhohoterwa umuntu uwariwe wese ukagera naho umubabaza nukwica amategeko. Itegeko rikumira kandi rihana ihohoterwa irya riryo ryose rishingiye ku gitsina ryo mu 2009, ryibanda nanone kuriryo hohoterwa mu buryo budasanzwe. Iryo hohoterwa rishingiye ku gitsina ni igikorwa icyo aricyo cyose kibabaza umuntu ku mubiri, ubwonko, gufatwa ku ngufu cyangwa kumubangamira mu nyungu kubera ko ari igitsina runaka. Iryo hohoterwa ryaba mu rugo cyangwa hanze y'urugo. Mu birego bigejejwe kuri polisi birebana n'ihohoterwa 75% baba ari abakobwa bari hasi y'imyaka 18 bahohotewe.

Ese uwo nkunda igihe ambabaza, abayishe amategeko?

Si rubanda gusa baguhohoterwa. Umugabo wawe, umubyeyi, n'abandi bantu bo mu muryango wawe cyangwa umukoresha baguhohoterwa. Kuba warashatse cyangwa uri ukukobwa nibivugako ugomba kwemera gukubitwa, gukora imibonano mpuzabitsina utabishaka, cyangwa guteshwa umutwe. Abashakanye bombi bafite

uburenganzira bungana kugirango bakorane imibonano mpuzabitsina, kubyara no kuringaniza imbyaro.

Umuntu wese utubahiriza iryo tegeko ashobora kubona igihano agafungwa akanacibwa ni hazabu. Gukubita, gufata ku ngufu cyangwa guhohotera undi muntu mu bundi buryo binyuranyije n'itegeko.

Gufata ku ngufu niki?

Gufata ku ngufu nukugira imibonano mpuzabitsina n'umuntu atabyemeye. Igihe uhase cyangwa uteye ubwoba umuntu mukagira imibonano mpuzabitsina uba umufashe ku ngufu kimwe nuko igihe ukoresheje amayeri mukaryamana atabyemera nabwo uba umufashe ku ngufu. Igihe ukoze imibonano mpuzabitsina n'umugore wawe ariko atabikeneye uba umufashe ku ngufu. Abana batoya ntibemerewe gukora imibonano mpuzabitsina. Kubera iyo mpamvu nta muntu mukuru wemerewe kugira imibonano mpuzabitsina n'umwana muto (ufite hasi y'imyaka 18). Nuko bimeze nubwo umwana yakwemera ko muryamana. Usambanyije umwana arabihanira uko byaba kose. Amategeko abereyeho kurengera abana, kugira ngo abantu bakuru be kujya babavogera. Igihano cyo gufata ku ngufu n'igifungo kiri hagati y'imyaka 10 na 20; ndetse akanatanga n'amafaranga yo kwa muganga. Hanyuma iyo wakoze icyo cyaha bikamuviramo urupfu cyangwa indwara idakira nka SIDA, uwakoze icyo cyaha afungwa burundu. Naho igihano cyo gufata umwana ku ngufu n'igifungo kiri hagati y'imyaka 20 no gufungwa ubuzima bwawe bwose utirengagije no gutanga amafaranga y'ihazabu. Ibihano biba biremereye cyane igihe uwahohoteye umwana ari umuntu umwana yitaga umwizerwa nk'umubyeyi we, umwinshingizi wemewe n'amategeko, umwalimu, pasiteri, padiri n'abandi.

Sanga Chantal

Chantal afite imyaka 14. Nyina yapfuye akiri muto. Nyuma yaho se yazanye undi mugore; ariko azakujya muri uganda gushaka akazi. Bishaka kuvugako Chantal yasigaranye na mukase. Mukase yagombaga gukoresha Chantal imirimo yo murugo; Uretseko yagiye amuvunisha akamukoresha imirimo myinshi agezaho amubuza no kujya kwiga kugira ngo akore imirimo yo murugo. Chantal aziko amasomo ye akenewe cyane. Kubera Iyo mpamvu yasabye umuhuza wo mu muryango witwa Amahoro kumwunga na mukase. Umuhuza yasuye Chantal na Mukase asobanura akamaro k'amasomo ya Chantal. Inshingano Z'umugore wa se wa Chantal hamwe n'imirimo Chantal agomba gukora imuhira. Chantal na mukase bagize icyo bageraho nyuma yuko mukase asobanukiwe. Ubu Chantal ariga kandi akagira n'imirimo Akora imuhira.

Sanga Josie

Ababyeyi bombi ba Josie bapfuye afite imyaka 16. Se wabo yaje kubana na Josie mu nzu kugira ngo amufashe nk'imfubyi. Ariko uwo Se wabo akaba umusinzi ukabije. Amafaranga yakaguze ibyo kurya cyangwa ngo atangwe mu mashuri ya Josie; uwo Se wabo yarayanyweraga. Yataha mu gicuku agatuka akanakubita Josie. Noneho Josie yigira inama yo kujya yihisha Se wabo. Amaherezo Josie yaje kwiyambaza umufasha wo muri CHABHA (umuryango udaharanira inyungu. Uwo mufasha yavuganye na Se wabo wa Josie abona umwanya mu ishuri ryo kwigamo. Ariko nihahandi mu biruhuko Josie agomba kuza akabana na Se wabo ariko ibyo intabwo bimuha namba icyizere cyo kurerwa neza mu gihe Se wabo atarahinduka.

Igihe iryo hohoterwa rivuyemo urupfu cyangwa umwana akandura indwara nka SIDA; igihano n'ugufungwa burundu; ariko hakongerwaho n'ibindi bihano bikaze.

Nakwirinda nte?

Ugomba kwirinda kwitandukanya n'abandi bantu bashobora kugufasha. Igihe ugiye hanze ugomba kugendana na mugenzi wawe uzi kandi wizeye. Ntukigere ujyana n'umuntu utazi cyangwa utizeye. Uzikirane ko abantu bamwe bakuru bazajya bakwizeza isi n'ijuru, ibintu byiza bisa nk'ibidashoboka. Baguha amafaranga, bakakwizeza ikuzo n'impano; ariko ibyo nukubigendera kure.


Baza bakubeshya ko ikibazo cyavutse, bakagusaba kuza kubafasha bashaka kugutwara aho uri wenyine kugira ngo bagufate. Akenshi bagerageza kukugiraho inshuti. Ntukigere wemera ibyo byose; kandi ntukigere wibeshyako ushobora kugira ubutwari bwo kunesha ibyo byose. Igihe ikibazo kivutse menyesha umuntu wizeye. Uzajye uhora ukoreshe ubwenge bwawe, aho wumvishe nta mahoro ufite ukahava. Umutekano wawe uruta byose. Kubera iyo mpamvu ntukaboneko guhakani umusambanyi ar'imico mibi. Biraruta kubat uwakaguhohoteye; ariko wowe ugasigara u mutaraga. Uwo muntu uguhohoteye niwe wenyine uba ugukoreye icyaha.

Hanyuma se nakora iki igihe nafashwe ku ngufu cyangwa nkababazwa kubera imibonano mpuzabitsina?

Ugomba kwihutira kujya kwa muganga igih wafashwe ku ngufu kugira ngo bagupime. Hanyuma uba ugomba gufata icyemezo cyo kurega uwaguhohoteye kuri Polisi.

Nubwo waba udahamyako uzajya kurega kuri polisi, byaba byiza utihutiye koga cyangwa guhindura imyenda yawe; kuko icyo cyatuma wica ibimenyetso by'ingenzi. Ukimara kuva kwa muganga ushobora kwiyemeza kujya kuvuga ibyakubayeho. Kuko ubwo buhamya butuma abashinjacyaha bagukorera dosiye ifatika. Kwa muganga bandika byose ibyo babonye. Hari ibikomere baba babonye n'ibindi bibazo bashyira mu nyandiko isobanura uko wahohotewe. Iyo nyandiko niyo ihabwa polisi.

Hakurikijwe amabwiriza mashya ya Minisiteri y'ubuzima y'ukuntu abahohotewe bakirwa. Igihe wahohotewe ujya mu ivuriro bakagupima mu maguru mashya bakomora ibikomere byatewe niryohohoterwa, bagapima niba uwahohotewe yasamye inda, gusama inda, uwahohotewe akagirwa inama, n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina zigapimwa, nukuvuga SIDA n'izindi. Kuvurwa mu maguru mashya n'ingenzi nyuma yo gufatwa kugira utandura agakoko gatera SIDA. Har'ukuntu uwahohotewe avurwa mu masaha atarenze 48 ntiyandure SIDA.





ABO WAKWIYAMBAZA

Gupimwa na muganga no kuvurwa byakabaye bikorerwa ku buntu igihe utishoboye. Abaganga ntibagomba gusaba amafaranga uwahohotewe namba, ibyo ntabwo Leta ibyemera. Byigeze kubaho rimwe umuntu akagira ubwisungane mu kwivuza ariko akabura 15% y'uruhare rwe. Abaganga bagomba kumenya ko ikibazo ufite kidasanzwe bityo ukavurwa utishyuye. Kandi nanone ufite uburenganzira bwo kwipimisha no kwivuza, Bakwanga ugaterefona polisi kuri **3935 cyangwa 3677**.

Nagirante igihe ndafite umuntu nizera nakwiyambaza?

Igihe udafite uwo wizera telefona national police prosecution office, kuri **3935 cyangwa 3677** umurongo w'ubwuzuzanye n'uburinganire. Waba warahohotewe n'uwo mubana nk'umubyeyi, umwishingizi wawe cyangwa mwene nyoko; terefona National Police prosecutor kuri telephone 3512 (Ishinzwe ihohoterwa ryo mungu). Polisi yahuguwe neza mu buryo bakubaha bakakwakira, abahuguriwe ibibazo nk'ibyo bakagutwara kwa muganga ugapimwa.

Uko ikirego cy'ihohoterwa gitangwa ari wowe cyangwa undi uzi

Kurega uwaguhohoteye n'uburenganzira bwawe. N'icyemezo kigoranye, ariko igihe wagifashe biba byiza igihe wiyambaje ababizobereye kugira ngo bikorohere. Wakwiyambaza: **Solidarité (+250) 788549830, Haguruka (+250) 554669 cyangwa (+250) 788300834, FACT 3282 (umurongo w'ubuntu) bashobora kukorohereza gutanga ikirego cy'ihohoterwa**. Bafite amatsinda ashinzwe ihohoterwa kandi bafite abajyanama. Ahandi wakwiyambaza ni muri **WE-ACTx umushinga wo gufasha ingimbi n'abangavu, Tel. (+250) 788350602**. Aho iyi nyandiko irangirira hari urutonde rw'indi mishinga nk'iyi.

Igihe wahohotewe cyangwa igihe mwene nyoko yahohotewe, umwana wawe cyangwa undi wese uzi, akaba ashaka kurega ukora ibi bikurikira:

- (1) Ipimishe univuze mu maguru mashya bahite baguha inyandiko yemeza iryo hohoterwa nibyo babonye.
- (2) Telefona **3935/3677** (ibiro bya polisi bishinzwe ihohoterwa). Bagomba kukwakira neza. Buri karere gafite umukozi wa polisi ushinze iby'ihohoterwa. Reba nanone ushinze ihohoterwa mu mudugudu utuyemo agufashe kugeza ikirego cyawe kuri polisi.
- (3) Polisi yu Rwanda ntishoborwa kubura kugutabara; ariko nanone ushobora kwiyambaza imiryango iri ku rutonde ruri aho iyi nyandiko irangirira.

KUVUGA IBYABAYE

Abana benshi mu Rwanda cyane cyane abakobwa b'imfubyi barerwa n'abavandimwe cyangwa imiryango; bahura n'ibibazo byo guhohoterwa. Iryo hohoterwa ryaba riri muburyo bwo gukora akazi kagoranye nko guteka, gufura, guhinga, kurera bene rubanda byakugiraho ingaruka ubuzima bwawe bukakugora, ntiwige ndetse ntubeho neza. Watotezwa, ndetse wafatwa ku ngufu.

Ihohoterwa rishingiye ku gitsina kimwe n'irindi hohoterwa iryariryo ryose ntiryemewe n'amategako. Kubera iyo mpamvu ihohoterwa iryariryo ryose rigomba kugezwa kuri polisi. Wenda kuvuga ibyabaye byagorana, utinya polisi cyangwa utinya ko polisi ntacyo yakumarira.

Nubwo kwerura ukavuga bigoye; ariko washaka umuntu mukuru wizeye. Igihe atagize icyakumarira, washaka undi kugeza aho uboneye uwagira icyo akumarira. Itegeko rihana umuntu mukuru wese wanze gufasha umuntu wa hohotewe. Erega har'ubwo batakwemerako uvuga ukuri. Abandi bahitamo guhishira uwaguhohoteye cyane cyane iyo ari umuntu mukuru. Bakakumwaza bakanakureba nabi kugira ngo ubireke. Baba badakeneye ko bimenyekana mu bandi.

Ukwiriye kumenyako igihe uhohotewe atari ikosa ryawe. Uwaguhohoteye niwe uba afite ikosa.

GUKORA UBURAYA, ABAGABO N'ABAGORE BAKUZE BASHORA ABANA MU BUSAMBANYI

Ntawemerewe gushora mugenzi we mu buraya. Mu Rwanda akenshi abakobwa bibana bafite hagati y'imyaka 14 na 18 bashukwa n'abagabo bakagwa mu mutego w'uburaya, kuko baba

badafite ukundi babaho rimwe na rimwe bagomba gutunga imiryango yabo. Uburaya bumwe ntibupfa kumenyekana.

Urugero, hari abantu bakuru bamwe baha abantu bato impano nk'urunigi, telefoni n'ibindi kugirango babasambanye. Kubera kugira ubuzobere umuntu mukuru ahohotera umutoya ntibigire ingaruka. Mu byukuri umwana atinya kuba yabivuga kuko bimutera isoni. Polisi yo Rwanda ivuga ko bamwe muri abo bantu bakuru baba barwaye SIDA, bagakora imibonano mpuzabitsina n'abana bagendereye kubanduza. Nyuma yaho abo bashuga dadi na bashuga mami iyo babonye ibibazo bivutse nko gusama inda no kurwara SIDA, bazibukira abo bana.

Umuntu mukuru ukora uburaya cyangwa se usambanya abana bato yahanishwa igifungo kiri hagati y'amezi 3 n'imyaka 12 akanatanga ihazabu ategetswe n'urukiko. Aho iyi nyandiko irangirira hari urutonde rw'ibigo na zagahunda bifasha abana, urubyiruko rwahoze rukora uburaya; ariko ubu bakaba biteguye gukomeza mu bundi buzima busanzwe. Imwe muriyo mishinga itanga aho urwo rubyiruko rwacumbika, bakiga no kwihangira imirimo.

UBUNDI BURYO ABANA BAHOHOTERWAMO

Umuntu mukuru ukoresha umwana mu kazi karimo akaga n'ibibazo, akamuhemba amafaranga makeya cyangwa ntamuhemba aba akoze icyaha cyo gukoresha umuntu akazi k'ubucakara. Nubwo umwana yaba umuvandimwe wawe uba utemerewe kumukoresha kugahato. Abana ntibakwiye gukora imirimo ibangamiye ubuzima bwabo nacyane imirimo ibabuza kwiga. Ibyaha byo gukoresha abana ubucakara byatuma umuntu

mukuru afungwa kuva ku myaka 5 kugeza burundu; ndetse agatanga n'ihazabu aciwe n'urukiko. Birabujijwe kugira ko umuntu mukuru akoresha umwana mugucuruzwa intwari cyangwa

ibiyobyabwenge. Ibyaha byo gucuruzwa intwari n'ibiyobyabwenge byatuma umuntu mukuru ahanishwa igifungo cyo hagati y'imyaka 5 na 25; agatanga n'ihazabu.



ABO WAKWIYAMBAZA

Egera Abayobozi bu Umudugudu cyangwa Umurenge bagufashe. Ubuyozi bw'ibanze bufite gahunda ndende yo gutanga ubufasha ushobora no kwiyaambaza imiryango idaharanira inyungu tuza kukubwira kandi imyinshi ifatanywa ibikorwa n'Imirenge. Iyo imiryango itanga ubufasha buciriritse. Iyi isaba ko uba ufite muni y'imyaka runaka. Iyo umuryango udaharanirye inyungu udashoboye kugufasha ugushakira undi muryango wagufasha. Egera iyo Miryango kugeza igihe ubonye ubufasha, har'ubwo bagusaba icyemezo cyuko utishoboye gitangwa n'umurenge.

ADEPE (ACTION FOR THE DEVELOPMENT OF PEOPLE, ACTION POUR LE DEVELOPPEMENT DU PEUPLE)

P.O. Box 4043, Gisenyi, Rubavu District.

Tel. (+250) 788570369. Email: adepeu@yahoo.fr.

ADEPE ifasha guha ubushobozi imiryango n'abana batishoboye mu Karere ka Rubavu ibunganira mu by'amategeko ikabafasha kwiyaambaza. ikabafasha mu mishinga ibyara inyungu ikabaha n'amafaranga mu gihe ari ngombwa.

FACT RWANDA (FORUM FOR ACTIVISTS AGAINST TORTURE)

P.O. Box 729, Kacyiru Sector, Kigali.

Tel. (+250) 788305707. www.fact.org.rw

FACT itera inkunga abana bababajwe mu buryo bwateguwe; ikanakorana n'abantu bakuru mu kurwanya ihohoterwa.

FACT ifite gahunda y'ubujyanama kandi ikanatanga amahugurwa k'uburenganzira bwa muntu. By'umwihariko FACT ifite telephone ihoraho ivugirwaho n'abafite ibibazo by'iryo bababazwa byavuzwe haruguru. telefoni ni 3232.

HAGURUKA

P.O. Box 3030, Boulevard de L'Umuganda, Kigali.

Tel. (+250) 554669 cyangwa (+250) 788300834.

www.haguruka.org.rw

Haguruka itanga ubufasha mu by'amategeko ku abana n'abagore, ikabunganira mu nkiko, igafasha abana kugira abishingizi, igakemura ibibazo by'ababakana abo babyaye cyangwa abababwira abana batabyaye, kandi ikanakemura ibibazo by'imitungo muri rusange.

MINISTRY OF GENDER AND FAMILY PROMOTION (MIGEPROF)

Primature, Kimihurura. Tel. (+250) 577626,

(+250) 577203, cyangwa (+250) 576455.

www.migeprof.gov.rw

MIGEPROF iha ubufasha bunyuranye abana bari muni y'imyaka 18 ibavuze. Ibigisha, ibagira inama, ibaha amacumbi n'ibiryo. Akenshi abo bana baba ari mfubyi cyagwa se bavuye ku mihanda. Akenshi izo gahunda zicishwa mu mirenge ku gira ngo abagenerwa bikorwa zibagereho mu buryo bworoshye.

NATIONAL HUMAN RIGHTS COMMISSION (KOMISIYO Y'IGIHUGU KU BURENGANZIRA BWA MUNTU)

P.O. Box 269, Mairie de la Ville de Kigali,

Kacyiru Sector, Kigali. Tel. (+250) 504271,

(+250) 504273, cyangwa (+250) 504274.

MIGEPROF iha ubufasha bunyuranye abana bari muni y'imyaka 18 ibavuze, ibigisha, ibagira inama, ibaha amacumbi n'ibiryo. Akenshi abo bana baba ari mfubyi cyagwa se bavuye ku mihanda.

RWANDA NATIONAL POLICE: OFFICE OF GENDER BASED VIOLENCE

www.police.gov.rw

Igihe abapolisi bifashe nabi wabarega kuri telefoni 116. Igihe habayeho ihohoterwa rishingiye kugitsina waterefona 3935/3677. Hari n'urwego rurengera abana. Igihe umwana ahohotewe cyangwa igihe umubyeyi ataye umwana waterefona (+250)788304796.



ABO WAKWIYAMBAZA

SOLIDARITÉ (UMURYANGO W'ABARWAYE SIDA)

Kigali. Tel. (+250) 788549830.

Umuryango wibanda kugufasha abana kujya mu mashuri. Abatiga barunganirwa bagatangira kwiga. Inkunga y'amafaranga nayo irahari. Uyu muryango utanga amahugurwa yihariye y'abana bakandamizwa nk'akabozi bo murugo cyangwa abana bagizwe abasirikare. Uyu muryango ufite amatsinda afasha bakobwa bahohoterwa. Kandi niwo muryango wafasha abakobwa gutanga ibirego kuri polisi igihe bahohotewe.

SWAA RWANDA (IHUMURE)

P.O. Box 5196, Kigali. Tel. (+250) 583884.

Email: swaar@rwandatel1.rwanda1.com.

www.swaa.org.rw

SWAA ifite ibiro 3 muri Kigali, Gitarama na Kibungo. Ibyo biro bishinzwe gukangurira abagore n'abakobwa kwitabira gahunda z'imyorokere hamwe no kurwanya SIDA. SWAA ifite umushinga w'ubujyanama, inkunga hamwe no kwigisha iby'ubuzima bijyana n'imyorokere.

WE-ACTx: UMUSHINGA USHYIGIKIYE INGIMBI

N'ABANGAVU

P.O. Box 4151, Avenue Kalisimbi, Kigali.

Tel. (+250) 788350602.

WE-ACTx yibanda kubibazo bya SIDA byacyane, ikagira inama abahamutse, ikigisha uburenganzira bwa muntu, ikaba ifite gahunda yo kuvugira abagenerwabikorwa hamwe n'imishinga igamije kubateza imbere mu by'umutungo. Muri make WE-ACTx yibanda kubagenerwabikorwa b'abana n'abagore.

Sanga umufasha Ireen Ingabire

Rimwe narimwe abantu bazabangana kubera ibibazo bidafite ibisubizo. Numva byinshi. Nziyuko mubihe bizaza ibintu bizatungana. Ariko kugeza icyo gihe tugomba kwihangana. Rimwe na rimwe abakobwa baraza bakambwirako bafashwe ku ngufu. Mbagira inama yo kudaceceka, no kutagira isoni ndetse bagomba kubimenyesha polisi, ababyeyi babo, abakuza babo, bandi bantu bakuru hamwe n'inshuti. Birakenewe guharanira uburenganzira bw'abagore n'abana mu Rwanda.

Sanga umunyamategeko Joseph Mafurebo

WE-ACTx Health and Justice project Director

Ku isi hose abana bahura ni bibazo mu miryango yabo no hanze, bibatera ubwoba bikababuzira uburenganzira bwabo nk'umuntu ufasha abana mu by'a mategeko mu Rwanda nasanze benshi muri bo hahohoterwa. Ngerageza guhuza abo bana n'ubuyobozi, nka Polisi na za Minisiteri.

Ni ngombwa ko abana bamenya uburenganzira bwabo bakanamenya uko bavugana n'abantu bakuru, nemerako kwigisha ababyeyi amategeko nabyo ari ngombwa kuko byafasha abana. Kumvisha abantu bakuru inshingano zabo bizadufasha kugera ku ntego yo gufasha abana kubaho neza.

GUKORESHA AMATEGEKO UKIRENGERA CYANGWA UKARENGERA UNDI MUNTU

Har'impamvu nyinshi zatumye ushidikanywa kugeza ikibazo cyawe kuri polisi cyangwa imiryango imwe n'imwe. Biragoye kuganira n'abantu utazi cyangwa utizera ku bibazo bikomeye kandi bigoye. icya mbere uba utazi niba uwo uganira nawe azagira icyo akubamarira. Harubwo watinyako uza gukurura ibibazo haba murugo utuyemo cyangwa murugo rw'uwasuhoteyeho. Kwirwanaho birakenewe kimwe nuko kurengera uburenganzira bwawe ar'ingenzi; uretseko igihe ubikora nuko ubikora n'icyemezo ufata kugiti cyawe. Ikindi nuko nawe ushobora kurerwa kubera kwica amategeko, ugakenera uwakunganira.

Amasezerano ny'afurika k'uburenganzira n'imibereho myiza y'umwana; avugako igihe umwana yishe itegeko aradohorerwa nk'umwana. Nk'umwana ufite uburenganzira bwo gukura, ukiga, ukagira ubuzima bwiza kandi ukabaho udahohoterwa. Ntawemerewe kukuvutsa ubwo burenganzira. Ubaye ukeneye gushimangira uburenganzira bwawe aba bakurikira bazabigufashamo.

Urwego rw'umudugudu: Abayobozi /abantu bakuru


Akagari: Hari abayobozi

Umurenge: Hari abayobozi

Akarere: Hari abayobozi

Urwego rw'igihugu: Perezida hamwe n'inteko ishingamategeko.

Igihe ukeneye kuregera polisi ko wahohotewe uca mu buyobozi bw'umudugudu. Byaba ngombwa ubwo buyobozi bukiyambaza ubuyobozi bw'akagari. Ubuyobozi bw'akagari



bushobora kwiambaza ubuyobozi bw'umurenge ari nawo ushinze gahunda z'inkunga n'imibanire y'abantu.

Urugero, usanga umurenge ufite amafaranga y'abana badashoboye kwishyura birya byose mwarimu asaba mu mashuri. Abayobozi b'umurenge batanga ubwisungane mu kwivuka. Impapuro z'ingenzi zibikwa ku murenge.

Urugero ku murenge niho hatangwa ibyemezo by'abafite amasambu cyangwa abashakanye.

Umufasha: Bamwe mu bakozi bakorera imiryango idaharanira inyungu usanga barahuguriwe gukemura ibibazo bijyanye n'amategeko, ubuvuzi, n'ibindi. Abo bakozi bitwa abafasha, uretseko uruhare rw'ubufasha har'ubwo rufatwa n'abitwa abasosiyari (bashinzwe imibereho myiza y'abaturage mu mirengi) abashinzwe uburezi hamwe n'abanyamategeko cyangwa abajyanama mu by'amategeko. Abakozi biza nze bashobora kuba bakorera leta y'u Rwanda cyangwa bakaba bakorera imiryango idaharanira inyungu ifite aho ivana inkunga. Akenshi imiryango

idahanira inyungu ikorera ubuntu. Umufasha nyine aragufasha akakuvugira akanaguserukira kugira ngo ushobore gukemura ibibazo byawe. Umufasha ya guha inama, yagufasha kuvugana na polisi, yagushakira umunyamategeko cyangwa undi muntu wagufasha. icyiza cy'umufasha n'ntamarangamutima aba afite, kuvuga n'ntibimugora. Yaguserukira akavuga nta soni, nta kurira n'ibindi.

Kunga: Kunga abantu n'ukubahuza, ukabafasha gukemura ibibazo byabo bitabaye ngombwa ko bajya mu nkiko. Umwunzi ahuza abantu bakagira uko bumvikana ikibazo kigakemuka. Buri kibazo nticyakemurirwa mu rukiko. Bimwe bikemurwa n'abunzi. Waba ufite ikibazo cy'imibanire abunzi bakaguhuza n'uwo mugomba kubana neza yaba umuvandimwe cyangwa undi muntu uwariwe wese. Umufasha akora nk'umuhuza w'abana bafitanye ibibazo n'ababyeyi ndetse agakora nk'umuhuza w'abanyeshuri n'abarimu babo.

Nimuri urwo rwego umufasha yaguhuza n'umubyeyi ukubangamiye ibibazo bigakemuka. Ikindi umufasha atuma mwalimu wakwirukanye mu ishuri yongerera kukwakira ukiga. Bishaka kuvuga ko umufasha afite n'uruhare rwo kunga. Mu Rwanda harimo urwego rw'Abunzi. Usanga bafite imanza z'abana bakeneye imfashanyo, bakanagira imanza z'umutungo (hari abahuguza abandi muby'umutungo). Mu Rwanda imanza 70% zitari mpanabyaha (z'indishyi n'izindi nkazo) zicibwa n'abunzi.

Umunyamategeko: Si ukuvugako buri gihe ufite ikibazo ugomba kwiambaza umunyamategeko. Har'ubwo wumvikana n'umuntu ibibazo mukabikemura kubwumvikane bwanyu. Har'ubwo abunzi bakemura ikibazo cyari kibugarije kikarangira. Ariko igihe ibintu byaniranye na polisi ikaba yabigizemo uruhare, umunyamategeko arakunganira.

Igitabo cy'amategeko ku miburanishirize y'imanza mpanabyaha kivugako umwana uri hasi y'imyaka 21 agomba kunganirwa n'umunyamategeko haba imbere ya polisi, haba m'urukiko, Abunzi cyangwa ahandi hose imanza ziburanishirizwa.

Hari abanyamategeko b'ubwoko 2 baburana.

Hari abashinjacyaha. Hari na b'Avoka baguhagararira mu nkiko. Iyo wakorewe ubugome cyangwa se ugakomeretswa umushinjacyaha arakunganira, ikibazo cyawe akakigeza mu rukiko.

Umunyamategeko ashobora kuburanira umuntu ushinjwa icyaha mpanabyaha. Naho mu manza z'umutungo n'izirebana n'indishyi umunyamategeko (avoka) yarega nawe agatanga ikirego. Ashobora guhagararira mu nkiko uregwa mu manza z'amahugu.

Urugero rw'imanza nkizo n'igihe umuvandimwe wawe atwara inzu y'ababyeyi bawe bagusigiyeye.

Igihe ufite hasi y'imyaka 21 ugomba kugira icyemezo cy'umuvandimwe cyangwa umwishingizi wemewe n'amategeko cyemeza ko ukeneye umunyamategeko ukunganira mu rubanza rw'amahugu cyangwa rw'umutungo. Igihe umubyeyi wawe akiriho nawe yaguhaye icyemezo cyuko ukeneye umunyamategeko ukunganira. Harubwo uwakagusinyiye icyemezo usanga ubundi ariwe urega. icyo gihe umunyamategeko cyangwa umufasha arakunganira mukavugana n'abandi bantu bakuru hakagira undi uguha icyo cyemezo kuko udashobora gukoresha Avoka udafite icyo cyemezo.

Biba ari ngombwa kugira ngo uguhagararira mu nkiko akora ibishoboka byose akavugana na polisi, abacamanza n'umushinjacyaha, kugira ngo ugirwe umwere. Twibutse ko hari igihe igihano kigabanywa.



ABO WAKWIYAMBAZA

Ubaye uri hasi y'imyaka 18, ugomba kuvugana n'umunyamategeko; igihe wafashwe na polisi. Bityo rero ntutegetswe kuvugana na polisi mbere yuko ubona umwunganizi. Igihe wafashwe na polisi uba ukeneye umunyamategeko ukunganira nubwo waba uri umuntu mukuru. Singombwa gusubiza ibibazo bya polisi umunyamategeko wawe atarahagera. Ariko ugomba kwitonda kuko kwanga kuvugana na polisi har'ubwo byagutera ibindi bibazo, gusa icyo ugomba kumenya nuko, polisi y'u Rwanda iba ishaka kumenya ukuri ku byaha byakozwe bityo nawe ugafashwa, si polisi ihohotera abantu nkuko tubibona mu bindi bihugu. [The Kigali Bar Association \(Urugaga rw'abavoka\), \(+250\) 71078, \(+250\) 64078, \(+250\) 72150, \(+250\) 71308, cyangwa \(+250\) 75021](#), Urwo rugaga rwagufasha kubona umunyamategeko ukuburanira. Ushobora no kwiyambaza ibigo byavuzweho mu gice gikurikira.

[Hari ADEPE \(+250\) 788570369, cyangwa UYISENGANIMANZI \(+250\) 585462.](#)

POLISI: Zimwe munshingano za polisi n'ukurengera uburenganzira bwawe. Umuntu uwariwe wese uvutsa umwana uburenganzira bwe agomba guhanwa n'amategeko.

Polisi y'u Rwanda ifite gahunda yo kurengera abana bavutswa uburenganzira bwabo. Igihe ufite ikibazo cyo kuvutswa ubwo burenganzira watelephona 3512 (ihohoterwa rikorerwa mungo) bityo ubushinjacyaha bwa polisi bukagufasha. Hariho n'itsinda rya polisi rirengera abana.

Wariyambaza kuri tel (+250) 788304796. Nanone wakwiyambaza ingabo z'u Rwanda kuri telefoni 3945. Ariko har'ubwo polisi itagira icyo ikumarira; ndetse yo ubwayo harubwo yaguteza ibibazo. Hari amakuru amwe namwe avuga ko har'ubwo polisi itoteza abana baba ku mihanda. Polisi irabafunga bigatinda ngo kuko basabiriza ubundi bakagurisha ibintu mu buryo binyuranye n'amategeko ndetse bakaba ari abasabirizi bo ku muhanda. Polisi ifite telefoni yo wakwiyambaza igihe umupolisi agufashe nabi, akagufata nta mpamvu ifatika afite, cyangwa se akagukubita akagukubita akagukorera n'ibindi bikorwa bigayitse ibyaribyo byose. Ushobora no

kwiyambaza umuntu mukuru wizeye cyangwa imiryango idaharanira inyungu. Iyo telefoni ni 116.

Uzirikaneko ugomba kwemererwa kuvugana n'umunyamategeko igihe ufunzwe; bityo mbere yo gusubiza ibibazo bya polisi ukabanza kuvugana nuwo munyamategeko, igihe uri umwana polisi ishinzwe kukubonera umunyamategeko ukunganira ntakiguzi utanze. Ugomba kuregwa, icyo bagushinja kikamenyekana mu gihe kitarenze iminsi 10. Bitaba bityo uba ufunzwe binyuranye n'amategeko.

GEREZA: Amategeko ntiyemerako umwana ufite hasi y'imyaka 14 afungirwa muri gereza. Gereza ishobora kwangiza ubuzima bw'umwana. Uretseko har'ubwo abana bafungwaga igihe kirekire, ntibanaregwe ibyo bashinjwa. Igihe ufashwe ugomba guharanira uburenganzira bwawe, ukanahabwa umunyamategeko ukunganira. Minisiteri y'ubutabera mu Rwanda yagerageje gushyiraho gahunda yo kubonera abana bafunzwe abanyamategeko babunganira bitagombye amafaranga.

Wibuke ko muri Kanama 2009 Leta y'u Rwanda yakoze ibishoboka irangiza imanza 600 z'abana bari mu magereza mu gihugu hose.

Ushobora kubona umunyamategeko wo kwiambaza muri [AJIPRODHO-JIJUKIRWA cyangwa kuri telefoni \(+250\)510077](#) cyangwa ugatelefona imwe mu miryango yavuzwe haruguru. Igihe polisi yakubangamiye telefona 116 umenyeshe amakosa y'aba polisi.

INKIKO: Igihe uregwa icyaha cy'ubugome cyangwa igihe wakorewe icyaha cy'ubugome ugomba kujya mu rukiko uri hamwe n'umunyamategeko wawe. Igihe umuntu yakoze icyaha cy'ubugome ntashobora kukikeza ikibazo afite mu inkiko atarakigeza kuri polisi. Uretseko imanza zimwe zitari izubugome ziburanishwa n'inkiko zitarinze zigera kuri polisi. Muri zo manza hari iz'umutungo, Ubwishingizi bwa bana n'ibindi.

Kuko iby'imanza bigorana kandi bikaba bifata igihe kirekire, nicyo gituma ugomba kwiambaza umunyamategeko. Hakurikijwe uko urubanza rwawe ruteye ushobora gutanga ubuhamya urahije cyangwa utarahije. Ibyo n'umunyamategeko ubikugiramo inama. Igihe ufite hasi y'imyaka 12 ntiwemerewe gutanga ubuhamya mu nkiko mu rubanza rw'ubugome (mpanabyaha).

Mu Rwanda inkiko zigenda zisumbanya ububasha kuva ku rukiko rwibanze kugeza k'Urukiko rw'Ikirenga. Iyo utsinzwe murukiko rumwe, ukumva utanyuzwe urajurira ukiyambaza urukiko rwisumbuye.

Uko byaba kose ugomba kumenya impamvu urukiko rwashingiyeho kugira ngo rwemezeko utsinzwe. Ibyo nibyo bigushoboresha kujurira. Hanyuma igihe bitagishoboka kujurira ari uregwa ari uwazeze bemera icyemezo cya nyuma cyafashwe n'urukiko.

Leta y'u Rwanda yashyizeho inkiko za Gacaca zagiye zikurikirana ibyaha byakozwe mugihe cya Jenocide. Izo nkiko zabaye ngombwa kuko imanza zari nyinshi muburyo inkiko zisanzwe zitari kuzica ngo zizirangize. Mu miburanishirize y'inkiko gacaca abaturage bari bafite uruhare runini. Imanza nyinshi zaraburanishijwe ku rugero rugaragara bamwe bakaba bari mu mirimo nsimburagifungo ifitiye igihugu akamaro. Iyo mikorere ya Gacaca yemerako uwakoze icyaha akacyemera ashobora kubabarirwa cyangwa akagabanyirizwa icyaha.

ICYO WAKORA IGIHE UVUKIJWE UBURENGANZIRA BWawe

Nta buryo ntarengwa umuntu yashyiraho kugira ngo abantu bekuvutswa uburenganzira bwabo. Ariko ingamba zikurikira ushobora kuzitekeresha:

- Iyambaze umuntu wizeye cyangwa umuryango wagufasha igihe bakuvukije uburenganzira bwawe, cyangwa igihe wahohotewe. Igihe uvuganye n'umuntu mukuru wambere ntagire icyo akumarira, ushaka undi kugeza aho uzabonera umuntu mukuru wakurengera.
- Igihe wafashwe kungufu cyangwa hari undi waba wabikorewe uhita ujya kwa muganga akagupima, akakuvura ndetse akagukorera inyandiko isobanura iby'iryo hohoterwa. Ariko muribyo byose ugomba kugira umuntu mukuru wizeye wabigufashamo. Hanyuma y'ibyo utwara inyandiko ya muganga kuri polisi. [Ushobora kwiambaza polisi kuri tel. 3935 /3677 igihe wahohotewe bishingiye ku gitsina.](#)
- Ubujura, ihohoterwa n'ubundi bugome bigomba kugezwa kuri polisi mbere yuko urukiko ruca urubanza urwarirwo rwose.
- Ibibazo bitarimo ubugome (mpanabyaha) n'ibihohoterwa byakemurwa n'abunzi. Washaka uwo wizeye wagufasha kugeza ku Abunzi ibibazo ufiteye n'abavandimwe cyangwa ibibazo by'umutungo.

- Igihe ntacyo byagutwara kora inyandiko ivuga uko ibintu byakugendekeye uyishyikirize Abayobozi b'ibanze b'Umudugudu n'ab'Umurenge, umufasha ukorera umuryango udaharanira inyungu nawe yakunganira, polisi hamwe n'urukiko. Uko urushaho gusobanura neza ikibazo cyawe niko urushaho kugira amahirwe yo gutsinda urubanza urega.
- Mu manza ubuhamya n'ingenzi. Cyane cyane ubuhamya mu manza z'ihohoterwa rishingiye ku gitsina buba bukenewe cyane nubwo gukusanya ibimenyetso nkibyo bitoroshye. Ariko hari ukuntu watuma ibimenyetso bidasibangana.
- Ntukigere ujugunya icyaricyo cyose cyakenerwa mu kwerekana ko ibyo uvuga ari ukuri. Ibyo bimenyetso bishobora kuba amashusho, impamyabuguzi, tike yo muri bisi, amabaruwa n'ibindi.
- Uba ukwiye kugira igitabo cyo wandikamo ibyabaye kuri uwo musu. Byaba akarusho ushoboye gufata ifoto y'iryo hohoterwa, bibaye bitakongera kugushyira mu kaga. Urugero ushobora gufata ifoto ry'ibikomere byawe. Ushobora gufata ifoto ry'ahantu habi ukorera n'ibindi byinshi.
- Vugana n'inshuti cyangwa umuntu wizeye kugira ngo bibaye ngombwa bashobore kwemezako uvugisha ukuri.



ABO WAKWIYAMBAZA

Egera Abayobozi bu Umudugudu cyangwa Umurenge bagufashe. Ubuyozo bw'ibanze bufite gahunda ndende yo gutanga ubufasha ushobora no kwiyambaza imiryango idaharanira inyungu tuza kukubwira kandi imyinshi ifatanywa ibikorwa n'Imirenge. Ariko har'ubwo igusaba kuba ufite icyemezo cy'abatishoboye. Indi isaba ko uba ufite muni y'imyaka runaka. Iyo umuryango idashoboye kugufasha ugushakira undi muryango wagufasha. Ubwo rero n'ugukomeza kwegera iyo miryango kugeza igihe uboneye ubufasha.

**ADEPE (Action for the Development of People,
Action Pour le Developpement du Peuple)**
P.O. Box 4043, Gisenyi, Rubavu District.
Tel. (+250) 788570369. Email: adepeu@yahoo.fr.

ADEPE ifasha guha ubushobozi imiryango n'abana batishoboye mu Karere ka Rubavu ibunganira mu by'amategeko ikabafasha kwiyunga ndetse no mu mishinga ibyara inyungu ikabaha n'amafaranga rimwe na rimwe.

AJIPRODHO-JIJUKIRWA

(Ishyirahamwe ry'urubyiruko riharanira uburenganzira bwa muntu) P.O. Box 6811, Kigali. Tel. (+250) 510077. AJIPRODHO-JIJUKIRWA yatangiye mu mwaka w'1996. Yatangiye n'abanyeshuri babanyamategeko muri Kaminuza y'u Rwanda. Uwo muryango wigisha abana bo mu mashuri ibigendanye n'uburenganzira bwa muntu Kandi uwo muryango usura abagororwa bo mu ntara y'uburengerazuba. Igaha abana ubufasha mu by'amategeko.'

AMAHORO Association

P.O. Box 4525, Gasabo District, Bugufi n'ibiro by'Umurenge wa Kacyiru, Kigali. Tel. (+250) 788406504. www.amahoro.nl Ishyirahamwe Amahoro yibanda ku bana banduye cyangwa se barwaye SIDA; kandi rikagira gahunda zihariye z'abana b'ipfubye. Icyo kigo gikora ubwunganizi, kikagira abantu inama, kigatera inkunga mu byo kwivuza, ndetse n'ibyo kurya hamwe n'inkunga y'amafaranga mu gihe ari ngombwa. Ikindi nuko iki kigo cyagufasha kubona inkunga y'ibigo bya Leta.

ASF (Avocats Sans Frontières)

P.O. Box 6248, Avenue Rukili I, Zone 10, No. 101, Kigali. Tel. (+250) 788306719 cyangwa (+250) 0252589823. www.asf.be/index.php?module=programmas&lang=fr&id=20 Uyu muryango ukorera mu bihugu Byinshi. Mu Rwanda itanga ubufasha mu By'amategeko ku batishoboye ndetse igahagarira n'abana mu nkiko.

CHABHA (Children Affected by HIV/AIDS)

P.O. Box 4525, Gasabo District, Kacyiru Sector, Kigali. Tel. (+250) 788454354. 16 Bradley Ave. Brattleboro, VT 05301 USA. Tel. (+001) 802 2582440. www.chabha.org

CHABHA yihatira kuzamura imibereho y'abana batishoboye ibigisha imyuga ikanabaha n'amafaranga iyo ari ngombwa, ubwisungane mu kwivuza ku bana babikeneye cyane cyane ku babana n'agakoko gatera SIDA.



ABO WAKWIYAMBAZA

DUFATANYE (RWANDA COMMUNITY LAW ANTI-DISCRIMINATION NETWORK)

P.O. Box 5141, Kigali. Tel. (+250) 788618384.

Dufatanye n'urwunge rw'ibigo hamwe n'abanyabikorwa bo muri WE-ACTx. Uyu mushinga wibanda kukugira inama mu by'amategeko abantu barwaye cyangwa se banduye agakoko gatera SIDA. Umushinga urabigisha, ukabunga igihe bagize amakimbirane n'abandi bantu ndetse ukagira ubuvugizi.

HAGURUKA

P.O. Box 3030, Boulevard y'Umuganda, Kigali.

Tel. (+250) 554669 cyangwa (+250) 788300834.

www.haguruka.org.rw

Haguruka igira inama abana n'abagore muby'amategeko, ikabunganira mu nkiko, ikabafasha mu bibazo by'abishingizi b'abana, igakemura ibibazo by'abahakana abo babyaye cyangwa abahabwa abana batabyaye, kandi ikanakemura ibibazo by'izungura.

CLINIQUE JURIDIQUE

Clinique Juridique / Legal Clinic (UNR/NUR). HIV/AIDS Project. P.O. Box 117, Butare. Tel. (+250) 531110.

P.O. Box 2280, Gisenyi. Tel. (+250) 540580

cyangwa (+250) 788308793.

Kigali. Tel. (+250) 788672404. www.ulk.ac.rw

Abanyeshuri bo muri izi kaminuza. Bafasha abatishoboye bakabaha. Ubufasha mu by'amategeko bakab - Akorera ubuvugizi.

MINISITERI Y'UBUTABERA

P.O. Box 160, Kigali. Tel. (+250) 252586398

cyangwa (+250) 252586561 www.minijust.gov.rw

Minisiteri y'Ubutabera iharanira ko u Rwanda rwagendera ku mategeko abantu bose bakareshya imbere y'amategeko kandi inzego z'ubutabera zigakora neza. Minisiteri y'Ubutabera itanga ubufasha burambuye ku abana bari mu magereza mu Rwanda. Twibutse ko ari narwo rwego rukuru rushinzwe ubucamanza mu gihugu.

MINISITERI Y'URUBYIRUKO

P.O. Box 3738, Kigali (Inzu yari fair House, igorofa rya kabiri) Tel. (+250) 788522730. www.miniyouth.gov.rw

MINIYOUTH iteza imbere urubyiruko, igafasha abana icye mu National Youth Council (Inama y'Igihugu y'urubyiruko) n'indi mishinga kugira ngo ibibazo byabo bikemuke mu buryo buhoraho. Mu bibazo by'urubyiruko harimo ubuzima bushingiye ku myorokore hamwe na SIDA.

NATIONAL HUMAN RIGHTS COMMISSION (KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE

UBURENGANZIRA BWA MUNTU)

P.O. Box 269, Umujyi wa Kigali, Segiteri Kacyiru.

Tel. (+250) 504271, (+250) 504273, cyangwa

(+250) 504274. www.rhrc-rw.org

Komisio y'Igihugu ishinze uburenganzira bwa muntu ikorana na za Minisiteri hamwe na polisi mukuzamura uburenganzira bw'abana. Iyo nama ikurikirana uko abana bamwe bavutse uburenganzira bwabo igakora raporo ihabwa intego ishingira amategeko hamwe na Perezida wa Repubulika. Igihe ufite ikibazo cyo kuvutse uburenganzira ndetse ukaba ukeneye inkunga mu by'amategeko watelefona k'umurongo utishyurwa Komisio y'uburenganzira bwa muntu kuri telefoni 3430.

ORDRE DES AVOCATS AU BAREAU DE KIGALI (KIGALI BAR ASSOCIATION)

P.O. Box 3270, Kigali. Tel. (+250) 71078, (+250) 64078,

(+250) 72150, (+250) 71308, cyangwa (+250) 75021.

Uru rugaga n'umuryango w'abavoka, Abanyamategeko bunganira abandi mu nkiko. Baba bafite na gahunda yo gutanga ubufasha ku bantu batishoboye babahagararira no mu nkiko.

POLISI Y'IGIHUGU: IBIRO BY'IHOTERWA RISHINGIYE KU GITISINA

www.police.gov.rw

Igihe abapolisi bifashe nabi cyangwa se baguhohoteye ushoboro gutelefona kuri 116. polisi ifite ibihano itanga ku bitwaye nabi ikabashakira ibihano bibakwiye. kugitsina waterefona 3935/3677. Hari n'urwego rurengera abana. Igahohotewe cyangwa igihe umubyeyi ataye umwana waterefona (+250)788304796.

UYISENGAN'IMANZI

P.O. Box 7257, Gasabo District, Kigali.

Tel. (+250) 585462. Email: uyisenga@rwanda1.com
uyisenganimanzi.org

Uyisenga n'Imanzi yibanda kugutera inkunga imfubyi zasizwe ihururu na jenocide, imfubyi zibana n'izanduye agakoko gatera SIDA. icyo kigo gifasha abana gukorera hamwe; buri mwana akagira icyo yigira k'uwundi. icyo kigo gitera inkunga y'ubwunganizi muby'amategeko, kikunga abashyamba, gitanga inama kikanashyira abana mu mashuri.

URUTONDE RW'AMATEGEKO AFITE INGARUKA KU BANA

Amategeko akurikira n'amwe mu mategeko arengera uburenganzira bw'abana mu Rwanda. Ayo n'umusogongerwa w'andi mategeko menshi yaba ayahano mu Rwanda yaba ayo kurwego mpuzamahanga yaba amasezerano n'andi yose arengera uburenganzira bwa muntu ushobora kuyabona mu rubiko rw'ibitabo cyangwa kuri internet.

A. AMATEGEKO Y'U RWANDA

Itegeko nshinga rya Repubulika y'u Rwanda (2003)

<http://www.ejer.gov.rw /eng/ constitution>

Itegeko nshinga rigaragaza uburenganzira bw'abanyarwanda kandi rigategeka abenegihugu inshingano bagomba kubahiriza. Naho igice cya 9 cy'iri huriro mu itegeko nshinga.

- **Ingingo 11:** Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira ubwisanzure, uburenganzira n'inshingano bingana.
- **Ingingo ya 27:** Umuryango, ariwo nshingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta. Ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo. Leta ishyiraho amategeko n'inzego bikwiye bishinzwe kurengera umuryango, by'umwihariko umwana na nyina, kugira ngo umuryango ugire ubwisanzure.
- **Ingingo ya 28:** Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi banyarwanda na Leta, bitewe n'ikigero n'imibereho arimo nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda ndetse n'amategeko mpuzamahanga

Itegeko ryo 27/2001 ryo ku itariki ya 28/4/2001 Ryerekeye uburenganzira bw'umwana n'uburyo bwo kumurinda ihohoterwa

<http://www.amategeko.net>

Igitabo cy'u Rwanda ku mategeko mpanabyaha (Rwanda Criminal code) gisobanura uburenganzira bw'ibanze n'inshingano by'umwana hakurikijwe amategeko y'u Rwanda. Ikindi kandi n'uko icyo gitabo kirimo urutonde rw'ibyaha bikorerwa abana hamwe n'ibihano kuri ibyo byaha.

- **Umutwe 1, Uburenganzira bw'umwana**
 - **Ingingo 7:** Umwana afite uburenganzira bwo kumenya ababyeyi be akarerwa nabo. Igihe bidashoboka ko umwana abana n'ababyeyi abafite, afite uburenganzira bwo guhabwa ibimurera kandi akabasura igihe ashakaye mu gihe batabangamiye umutekano we n'uwigihugu. Igihe cose umwana ataragira imyaka itandatu y'amavuko agomba kubana na nyina mu gihe bitabangamiye inyungu z'umwana.
 - **Ingingo 8:** Buri mwana udafite umubyeyi, agomba kugira umwishingizi, cyangwa umubera umubyeyi ataramubyaye, cyangwa se ikigo cyabigenewe kimwitaho. Umwana udafite umwishingizi cyangwa umubera umubyeyi ataramubyaye yishingirwa na Leta.
 - **Ingingo 9:** Mu byemezo byose bireba umwaba, hagomba kwitabwaho mbere inyungu 4e. Umwana afite uburenganzira bwo gutanga igitekerezo cye mu bwisanzure ku kibazo cyose kimureba. Ni ngombwa kumwumva mu byemezo by'ubutegetsi bimureba no mu mihango yose y'iburanisha mu bucamanza, byaba mu buryo butaziguye, byaba se binyuze kumuhagararira.

- **Ingingo 10:** Umwana afite uburenganzira bwo kwiga. Amashuri abanza n'itegeko ku bana kandi yigirwa ubuntu hakurikijwe uburyobuteganywa n'itegeko. Minisiteri ifite uburezi na minisiteri ifite imibeweho myiza y'abaturage mw'ishingano zazo zigena uburyo abana b'ababyeyi batishoboye biga mu mashuri yisumbuye n'amakuru. Inama y'akarere ishinze uburezi niyo ishinze gukurikirana iyubahirizwa ry'ibikubiye mu gika cya kabiri cy'iyi ngingo no gufatira ibyemezo uwo ari we wese utabyubahiriza.

• Umutwe 2, Inshingano z'umwana

- **Ingingo 25:** Umwana afite inshingano yo kubaha ababyeyi, umwishingizi we, abarimu be, n'abandi bese bamuruta. Afite kandi inshingano zogufasha ababyeyi be n'abishingizi be mu gihe bitabangamiye ubuzima bwe.
- **Ingingo 26:** Umwana afite inshingano yo igihugu cy'akanagikorera akurikije ubushobozi bwe.
- **Ingingo 27:** Umwana ategetswe kwiga mu mashuri abanza hamwe n'andi mashuri ayariyoyose ababyeyi, umwishingizi cyangwa igihugu bashobora kumubonera.

Inyandiko zikurikira zisobanura ibihano bigendana n'ibyaha bimwe.

- Umutwe 3: icyiciro cya 2: Ibyaha byo gusambanya umwana no kumukoresha ibiterasoni
- Umutwe 3 icyiciro cya 3: Ibyaha byo gushora umwana m'ubusambanyi no mu bumaraya
- Umutwe 3 icyiciro 4: Ibyaha byo gushakira inyungu ku mwana
- Umutwe 3 icyiciro 5: Ibyaha byo gutererana no guta umwana
- Umutwe 3 icyiciro 6: Ibyaha byo gushingira umwana imburagihe cyangwa ku gahato.

ITEGEKO RY'URWANDA KU IHOHOTERWA RISHINGIYE KU GITSINA

Itegeko numero 50/2008 ryo ku itariki 10/08/2008 rihana kandi rikumira ihohoterwa iryariryo ryose rishingiye ku gitsina.

<http://www.minijust.gov.rw>.

- **Ingingo 2:** Gusobanura icyo ihohoterwa rishingiye kugitsina bishaka kuvuga. "igikorwa icyo aricyo cyose kibabaza ibitekerezo cyangwa igitsina cyangwa kikabangamira umutungo w'umuntu kuberako ari uw'igitsina runaka. Igikorwa nk'icyo kivutsa umuntu umutekano we kikagira n'ingaruka mbi. icyo gikorwa cyabera imuhira cyangwa hanze.
- **Ingingo 18:** Umuntu wese utita ku mwana yabyaye kubera ko ari umuhungu cyangwa umukobwa, cyangwa agatoteza uwo bamubyaranye, ahanishwa igifungo kuva ku mezi 6 kugeza ku myaka 2. Umuntu wese utita ku mwana ashinzwe kurera, ashingiye ku gitsina, ahanishwa ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.
- **Ingingo 7:** Umubyeyi, umwishingi w'umwana cyangwa undi muntu uwariwe wese ushinze umwana agomba kumurinda impamvu iyariyoyose yatuma akorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Amategeko mbonezamubano y'u Rwanda

Itegeko Numero 42/1988 ryo ku itariki ya 27/10/1988 rishiraho interuro y'ibanze y'igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano. <http://www.amategeko.net>

Amategeko mbonezamubano y'u Rwanda avuga ku Ishyingirwa, gutandukana byemewe n'Itegeko, Ubwishingizi bw'umwana, Inshingano z'ababyeyi, kugirwa mukuru n'itegeko n'ibindi.

Itegeko rigenga abashyingiranye

Itegeko Numero 22/1999 ryo ku itariki 12/11/1999, ryuzuzanya igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekeye imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura <http://www.amategeko.net>.

• Umutwe wa 3, Izungura

- **Ingingo 50:** Abana amategeko mbonezamubano yemera ko ari abanyakwigendera bazungura ku buryo bungana nta vangura hagati y'umwana w'umukobwa n'uwumuhungu
- **Ingingo 51:** Igihe cy'igabanwa ry'umutungo uzungurwa n'abana, inama y'umuryango ugena umutungo wo kurera abakiri bato n'ugomba guhita ugabanywa abana bose ba nyakwigendera.

Itegeko ry'umurimo

Itegeko numero 13/2009 ryo ku itariki ya 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda.


<http://www.mifotra.gov.rw>.

• Umutwe wa 3, Uburenganzira bw'ibanze, Igice 1: Ibuzwa ry'Imirimo y'abana.

- **Ingingo 4: Umurimo w'abana.** Umwana ntashobora gukoreshwa nk'umukozi cyangwa se uwimenyereza umwuga mbere y'uko yuzuye imyaka cumi n'itandatu (16).

Hagati y'imyaka cumi n'itandatu (16) na cumi n'umunani (18) umwana ashobora gukoreshwa nk'umukozi hakurikijwe ingingo ya 5, iya 6 n'ya 7 z'iri tegeko.

- **Ingingo 5: Ikiruhuko cy'umwana.** Ikiruhuko cy'umwana hagati y'ibihe bibiri by'akazi ntikigomba kujya muni y'amasaha cumi n'abiri (12) akurikiranye.
- **Ingingo 6: Imirimo Ibujijwe ku bana.** Umwana agomba gukoreshwa umurimo ashoboye. Umwana ntashobora gukoreshwa mu mirimo ikorwa nijoro, ivunanye cyangwa iyagira ingaruka mbi ku buzima bwe, imyigire n'imitwarire bye.



• Chapter IV, Works Prohibited for Children, Pregnant and Breastfeeding Women. Section 1: Prohibited child labour and its nature.

• **Ingingo 72: Kurinda imirimo mibi ku bana.** Gukoresha abana batarageza ku myaka cumi n'umunani (18) « imirimo mibi » ni icyaha. « Imirimo mibi » irimo:

1. Kubashyira mu bucakara ubwo ari bwo bwose n'ibisa nabwo;
2. Kugurisha no gucuruza abana;
3. Kubakoresha nk'abaja mu kwishyura amadeni;
4. Kubakoresha basimbura abakuru mu mirimo itegetswe;
5. Kubashyira mu kazi kugira ngo bakoreshe mu makimbarane n'intambara;
6. Gukoresha, guha akazi no gutanga umwana ngo akoreshe ku mpamvu z'uburaya, mu gukora ibikoresho bijyanye n'uburaya cyangwa gukora ibikorwa ibyo ari byo byose n'imikino y'ibiterasoni bishingiye ku gitsina;
7. Gukoresha, guha akazi no gutanga umwana ngo akoreshe mu bikorwa bitemewe n'amategeko nko gukora no gucuruza ibiyobyabwenge;
8. Imirimo ishobora gutera ingaruka mbi nko kwanduza ubuzima bw'umwana, guhungabanya umutekano cyangwa imitekerereze bye.

B. AMATEGEKO MPUZAMAHANGA HAMWE N'AMASEZERANO MPUZAMAHANGA

U Rwanda kimwe n'ibindi bihugu, n'igihugu cyiyemeje kubahiriza amasezerano mpuzamahanga, yaba ay' Umuryango w' Abibumbye cyangwa ayandi.

Amasezerano y'umuryango mpuzamahanga k'uburenganzira bw'umwana (1989)

<http://www2.ohchr.org/english/law/crc.htm>

Aya masezerano ntiyemera ivangura ry'abana ndetse ashiraho uburenganzira budasanzwe bw'abana bato. Amasezerano y' umuryango w' abibumbye k'uburenganzira bw'umwana niyo nyandiko iruta izindi mu rwego rwo kurengera uburenganzira bw'umwana. Ayo masezerano atondagura mu magambo arambuye uburenganzira bwinshi bw'abana kandi agategeka uko ababyeyi n'abishingizi babo bubahiriza ubwo burenganzira ndetse ibihugu byose byayashizeho umukono bikayubahiriza. Ababyeyi n'abishingizi b'abana bafite inshingano yo kurengera uburenganzira bw'abana kandi n'ibihugu bifite inshingano ihanitse yo kurengera ubwo uburenganzira.

Itangazo mpuzamahanga ryerekeye uburenganzira bw'ikiremhamuntu (1948)

<http://www.un.org/en/documents/udhr/>

Iryo tangazo, niyo masezerano y'ibanze y'uburenganzira bwa muntu yashyizweho n'inteko rusange y' Umuryango w' abibumbye, kuko kwemera ko abagize umuryango bose bafite icyubahiriro by'ubumuntu kandi bafite uburenganzira bungana. Iryo n'ishingiro ry'umudendezo, ubutabera n'amahoro mu isi. Iryo tangazo rigena uburenganzira bw'ibanze bwamuntu, abantu bose barashyamba imbere y'amategeko; hatitawe ibara rw'uruhu, ubwoko, igihugu, igitsina, ururimi, idini, ibitekerezo mu bya politiki, akarere, umutungo wacu, aho twavutse n'ibindi.

Amasezerano mpuzamahanga k'uburenganzira mu by'imbenezamubano no mu bya politiki (1966)

<http://www.un.org/millennium/law/iv-4.htm>

Aya masezerano yibanda k'uburenganzira mbenezamubano n'uburenganzira mu bya politiki bugenerwa abantu kugiti cyabo hamwe n'ibihugu. By'umwihariko, aya masezerano ashimangira uburenganzira bw'abana bagomba kurengerwa n'imiryango yabo, umuryango rusange, hatitaweho igihugu, ubwoko, ibara ry'uruhu, igitsina, ururimi, idini, ubwengehugu, akarere, umutungo n'ibindi.

Amasezerano mpuzamahanga kuburenganzira mu by'umutungo, imibanire n'umuco (1966)

<http://www2.ohchr.org/english/law/cescr.htm>

Aya masezerano yibanda kuburenganzira bw'ibanze mu by'umutungo, imibanire n'umuco by'abantu kugiti cyabo n'ibihugu. Aya masezerano avuga ko umuryango ugomba kurengerwa mu buryo bwose bushoboka kandi bukwiye. By'umwihariko, ingamba zidasanzwe zigomba gufatwa bityo abana bose bakarengerwa kandi bagafashwa mu buryo budasanzwe, hatitawe ku mpamvu iyariyoyose yaba ishingiyeye ku babyeyi cyangwa ibindi.

Amasezerano mpuzamahanga ku gukumira no guhana icyaha cya jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyokomuntu (1948)

<http://www.un.org/millennium/law/iv-1.htm>

Aya masezerano akumira ibikorwa bigamijye gutsemba agatsiko k'abanyagihugu runaka, bishingiye ku bwoko, idini n'ibindi. Aya masezerano mpuzamahanga avuga ko icyaha cya jenoside ari mpuzamahanga (kidasaza), haba mugihe cy'amahoro cyangwa mu gihe cy'intambara. Aya masezerano ahana buri muntu wese ukoze icyo cyaha aziza undi, ubwoko, ibara ry'uruhu, ubwengehugu, idini n'ibindi.

Birabujijwe kubakomeretsa ku mubiri cyangwa mu mitekerereze yabo ugamijye kubahata kuba mu buzima butuma bavaho burundu, ukumira kororoka kwabo ugamijye kubana kwisi.

Amasezerano mpuzamahanga kukurandura ivangura rishingiye k'uruhu iryariryo ryose (1965)

<http://www2.ohchr.org>

Aya masezerano anenga byimazeyo ivangura rishingiye k'uruhu kandi ateguka ibihugu byayasinye, kurandura burundu ivangura rishingiye k'uruhu akanateguka ko ibihugu bigira ubwumvikane.

Amasezerano y'Umuryango w'abibumbye yo kurandura ivangura rikorerwa abagore (1979)

<http://www.un.org/womenwatch/daw/cedaw/text/econvention.htm>

Aya masezerano ateguka ko ivangura rikorerwa abagore ryarandurwa; bityo abagabo n'abagore bakagira uburenganzira bungana, nukuvuga uburenganzira bungana mu gushaka, uburenganzira bwo kwiga, uburenganzira bungana bwo gutora no gukora akazi akariko kose, uburenganzira bungana mu kwivuza hamwe n'uburenganzira bungana bwo gukora akazi.

Amasezerano y'Umuryango w' abibumbye k'uburenganzira bw'abantu bamugaye (2006)

<http://www2.ohchr.org>

Aya masezerano ashimangira akanarengera uburenganzira bw'abantu bamugaye bishingiye ku bwonko, ubwenge; kutumva, kutareba, n'abandi bafite ubumuga ubwa ribwo bwose bubabura kumera nk'abandi mu muryango rusange w'abantu. U Rwanda n'ibindi bihugu byo muri Africa rwasinye amasezerano akurikira. Aya masezerano ashimangira uburenganzira bwo kugira umudendezo ku muntu wese, n'abana batibagiranye.

Amasezerano ny'Afurika k'uburenganzira n'imibereho myiza y'abana (1990)

<http://www.africa-union.org>

Aya masezerano yemeza ko kurengera uburenganzira n'imibereho myiza by'abana muri Afurika bikenewe mu buryo budasanzwe. Uburenganzira n'umudendezi biri muri aya masezerano bisa n'ibiri mu masezerano y'Umuryango w'abibumbye k'uburenganzira bw'umwana. Aya masezerano asobanura n'inshingano z'umwana.

Aya masezerano avuga ko mu bikorwa n'abantu ku giti cyabo; inyungu z'umwana zigomba gushyirwa ku isonga. Aya masezerano ashyiraho komite ishinze uburenganzira bw'umwana hamwe n'umudendezi agomba guhabwa.

• Ingingo 4: Inyungu z'umwana izarizo

- Mu bikorwa n'abantu ku giti cyabo cyangwa mu bikorwa n'abayobozi, inyungu z'umwana ziri ku isonga.
- Habayeho imanza ziyobowe n'abacamanza cyangwa abayobozi, zifite ingaruka ku mwana, Umwana nawe agomba gutegwa amatwi, Umwunganizi we utabogamye azahabwa urubuga kugira ngo ibitekerezho by'uwo mwana bishobore kumvikana. Ibyo bitekerezho bizazirikanwa hakurikijwe amategeko agenga urwo rubanza n'uko rugomba gucibwa.

• Ingingo 11: Uburezi

- Buri mwana afite uburenganzira bwo kwiga

• Ingingo ya 13: Abana bafite ubumuga

- Umwana wamugaye mu mutwe cyangwa umubiri, azarengerwa kugira ngo ashobore kwitunga kandi ashobore kugira icy'akora cyamuhesha ishema nk'abandi bantu bese. Ibyo bizabaho habayeho kuzirikana ibyo umwana wamugaye yakenera mu myumvire n'imyifatire ye.

• Ingingo 17: Ububabwira bufite ingaruka ku bana

- Buri mwana wakoze icyaha azahanwa, hitaweho ko ar'umwana, habeho kuzirikana ko afite icyubahiro cy'ubumuntu kimuhatira kubaha uburenganzira bw'abandi.

Amasezerano y'Afurika yerekeye burenganzira bw'ikiremhamuntu n'ubwabaturage (1981)

<http://www.hrcr.org>

Aya masezerano ashimangira uburenganzira bunyuranye bw'ikiremhamuntu. Ubwo burenganzira n'ivangurwa iryo ariryo ryose, kuba twese tungana imbere y'amategeko, kuba dukwiye kugira umudendezi n'umutekano, gushobora kwiga, kwivuzwa, kugira umutungo, gukora ugahembwa nk'abandi ntabusumbane ku mirimo ingana, guhitamo idini ushaka, guterana n'abandi no guhabwa amakuru cyangwa kuyatanga. Aya masezerano ategereye abantu bese kugira inshingano yo kubahiriza ubwo burenganzira. Aya masezerano yashyizeho urwego ry'Afurika rurengera uburenganzira bwa muntu, kugira ngo urwo rwego ruteze imbere ubwo burenganzira bw'Abanyafurika.

Urutonde Rw'amagambo Dukeneye Kumenya:

Ihohoterwa: Igikorwa icyari cyo cyose gikorwa umuntu haba k'umubiri, mu mitekerereze, mu myanya ndangagitsina, no ku mutungo.

Kujurira: Igihe utanyuzwe n'ukuntu urukiko rwacye urubanza rwawe, uba ufite uburenganzira bwo kujurira, ukiyambaza urundi rukiko rwisumbuye kugira ngo rukurenganure habayeho kuzirikana ikosa ryaba ryarakozwe n'Urukiko rw'ibanze. Mu rubanza r'wubujurire hariho Ujurira n'uregwa.

Icyemezo cy'abatishoboye: Iki n'icyemezo cy'agateganyo gitangwa n'ibiro by'Umurenge, kigahabwa abatishoboye. Abo ni babandi badafite ubushobozi, ndetse bakaba badashobora kwishyura amafaranga y'ishuri, kwishakira umwunganizi mu rukiko n'ibindi. Igihe ukeneye icyo cyemezo, Ubanza hasi mu mudugudu. Umurenge uguha icyemezo ari uko umaze kumenya neza ko uri umukene nyakujya.

Mbonezamubano: Ikirego kigezwa m'Urukiko n'urega, yaba umwe cyangwa benshi. Uregwa ashobora kuba umuntu ku giti cye, abari hamwe, ikigo cy'ubucuruzi cyangwa Leta.

Amategako mbonezamubano: Ingero z'imanza mbonezamubano: amakimbarane ku mutungo, gufungwa k'umwana, kurera umwana, amasezerano no kuragwa. Amategako mbonezamubano atandukanye n'amategako y'ubugome kuko amategako mbonezamubano adafunga uregwa cyangwa ngo amuhanishe ihazabu. Ahubwo ayo mategeko yemera ko uregwa atanga indishyi cyangwa agasubiza iby'abandi.

Gutanga Ikirego: Utanga Ikirego mu rukiko, asobanura ibyo aregera, indishyi akeneye n'ibindi bigendana n'urwo rubanza. Hari urega n'uregwa.

Ibanga: Ibanga rivuga kudatanga amakuru y'ibyawe utabanje kubyemera.

Urugero, umwana ashobora kubikirwa ibanga na muganga yo bigaragaye ko umubyeyi we ashobora kumutoteza cyane kubera yanduye agakoko gatera SIDA. Ariko ntibivuga ko muganga agomba guhisha indwara y'umwana mu gihe ari ngombwa ko umubyeyi we yamwitaho bihagije.

Itegeko Nshinga: Buri Igihugu kigomba kugira Itegeko Nshinga ryacyo.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryashyizweho mu mwaka w'2003. Niryo tegeko risumba andi mategeko mu Rwanda. Hariho n'andi mategeko mpuzamahanga arengera uburenganzira bwawe.

Urugero ni amasezerano y'umuryango w'abibumbye k'uburenganzira bw'umwana. Ayo mategeko areba buri muntu utaruzura imyaka 21 mu Rwanda, soma urutonde rw'amategako afite ingaruka ku bana kugira ngo umenye amategako wakwifashisha.

Gukatirwa: Uwakatiwe n'umuntu wahamwe n'icyaha yakoze agashirwa muri gereza. Har'ubwo uwakatiwe ashobora kuregwa nanone ku kindi cyaha yaba yarakoze nacyo akakiryoza.

Amategako Mpanabyaha: Icyaha cy'ubugome n'igikorwa cyo kwica mategeko mpanabyaha. Ayo mategeko akena ibihano nk'igifungo, ihazabu cyangwa byombi.

Urugero rw'ibyaha mpanabyaha. Gutwika ibintu cyangwa umutungo w'abandi, gukubita umuntu, kwiba, guhohotera abana, kugurisha ibiyobyabwenge, kunyereza umutungo, kwica ubiganbiriye, kwiba, ubumaraya hamwe no gufata abagore ku ngufu. Igihugu nicyo gishiraho Amategako mpanabyaha bityo rero ninacyo kiyaburanisha iyo habayeho kwica amategako.

Uregwa: Mu rubanza rw'imbonezamubano hari uwitwa uregwa kimwe no mu rubanza mpanabyaha.

Ubumuga: Hari ubumuga bw'umubiri, bw'umutwe, butuma umuntu ananirwa gukora ibintu bimwe na bimwe. Ubumuga buvugwa mu mategeko, n'ukutabona, kutumva, kugendera ku mbago cyangwa kurwara SIDA. Ivangura iryari ryo ryose rishingiye kuri ubwo bumuga ntibwemewe.

Kugirwa mukuru n'itegeko: Amategeko yemera ko umwana ufite byibuze imyaka 18 yasaba kugirwa mukuru agahabwa uburenganzira n'inshingano nkiby'umuntu mukuru.

Ibyo birashoboka igihe bisabwe n'umuntu mukuru (ufite imyaka 21), ku biro by'umurenge. Ibyo bibaye bidashobotse wabyisabira k'Umurenge ku giti cyawe.

Gutanga ubuhamya: Igihe utanze ikirego, urukiko rugusaba gutanga ubuhamya bwemeza ko ibyo uvuga ari ukuri. Akenshi Urukiko rugusaba kuzana abatangabuhamya, nukuvuga ababibonye. Urugero, igihe baguhohoteye ibimenyetso bikurikira biba bikenewe:

- Inyandiko ya muganga
- Inyandiko ya polisi
- Ubuhamya bw'uwabibonye.

Kuburana: Mu kuburana urega n'uregwa bagomba gusobanura neza aho ukuri kwabo gushingiye, bagatanga n'ubuhamya bashingiyeho.

Uburenganzira bwa Muntu: Uburenganzira bwa muntu n'ubwa buri muntu wese hatitaweho imyaka, icyubahiro cyangwa ikindi icyo aricyo cyose kiranga umuntu. Urugero: Uburenganzira bwo kubaho, kudafungwa iyo nta cyaha wakoze, gutotezwa n'ibindi.

Umunyamategeko: Umunyamategeko n'umuntu wize amategeko, uzi kuyasoma akanayasobanura, akaba umuhanga mu kuburana, akaba azi kwandika amasezerano. Igihe urubanza rurimo umwana rwageze kuri polisi no m'urukiko, uwo mwana agomba kugira umunyamategeko umwunganira. Igihe adashoboye kwishyura umunyamategeko, Leta yabonera uwo mwana umunyamategeko umuburanira k'ubuntu. Mu rubanza Mpanabyaha tubona umushinjacyaha n'umwunganizi.

Umwishingizi w'umwana: Uyu n'umuntu mukuru ushyirwaho n'urukiko kugira ngo arere umwana cyangwa undi muntu utishoboye. Nk'ufite ubumuga. Akenshi abo baba bafite amasano.

Urugero, Umwishingi acunga umutungo w'umwana mutoya kugeza igihe uwo mwana akuriye. Uretseko uwo mwishingizi atakwigaruriza umutungo w'umwana ngo awukoreshe uko ashaka.

Imyaka y'ubukure: Imyaka y'ubukure niyo myaka umuntu ageraho agatangira kuba umuntu mukuru byemewe n'amategeko. Mu Rwanda Imyaka y'ubukure ni 21.

Guhagararirwa: Umwana uri hasi y'imyaka 21 agomba kugira icyemezo cyasinywe n'umubyeyi we, Umwishingizi cyangwa umuvandimwe mukuru wemewe n'amategeko, kugira ngo abashe kubona umunyamategeko umuburanira mu rukiko.

Umwana: Kugira ngo witwe Umwana har'imyaka runaka ugomba kuba ufite, ugomba kuba uri muni y'imyaka 21.

Ubwisungane mu kwivuza (mutuel de santé): Ubwisungane mu kwivuza ni gahunda ya Leta y'ubwisungane mu kwivuza; igomba ko uyikeneye agira amafaranga yatanga yaburi mwaka kandi igihe cyo kuvurwa, uvurwa akagira amafaranga make yatanga k'uruhare rwe.

Imiryango idaharanira inyungu: Iyo miryango ikoresha amafaranga y'impano ava muri Leta cyangwa ahandi. Akenshi iyo miryango nta mafaranga isaba kubera ibikorwa byayo by'ubutabazi. Imiryango mike niyo usanga isaba amafaranga makeya kubera ibikorwa byabo. Imiryango nk'iyi iri k'urutonde ruri aho iyi nyandiko irangirira.

Imfubyi: Imfubyi n'umwana wapfushije byibuze umubyi umwe. Imfubyi n'imbabare ishobora gufashwa na Leta. Kubera amarorerwa yabaye muri 1994, Leta y'U Rwanda yagerageje gufasha imfubyi za Jenocide kuza ubu.

Ubushinjacyaha: Gushinja umuntu icyaha, n'ukuvuga ko yakozwe icyaha gihanwa n'amategeko mpanabyaha cyangwa amategeko mboneza mubano.

Gufata ku ngufu: Gufata ku ngufu n’ugukora imibonano mpuzabitsina n’umuntu utabishaka, ukoresheje agahato. Umuntu yemera imibonano mpuzabitsina igihe afite byibuze imyaka 18. Igihe umuntu mukuru akuze akoze imibonano mpuzabitsina n’umwana arabihanirwa n’ ubwo uwo mwana yaba yamwemereye.

Ibyiyumviro by’umuntu ufite ubwenge: Hari amategeko yumvikana ko wowe nk’umuntu uzi ubwenge wakabaye kumenya ko igikorwa nk’icyo kizagira ingaruka mbi. Kuba warakoze icyaha utabigendereye ntibituma utabihanirwa.

Indishyi y’akababaro: N’amafaranga y’uwakoze icyaha agatsindwa mu rukiko aha uwatsinze urubanza.

Ibiri by’Umurenge: Leta y’u Rwanda icisha inkunga y’abaturage bayo mu nzego zibanze akenshi mu mirenge. Mu Inyandiko z’ingenzi zibikwa mu mirenge harimo izabashakanye, ibyemezo by’amavuko, ibyemezo by’abapfuye, ibyemezo by’abarera, inyandiko zo kuraga, inyandiko zemerera abana kuba abantu bakuru hamwe n’izindi nyandikio.


Amategeko: Amategeko y’igihugu ashirwaho n’Inteko Ishingamategeko. Hari amategeko amwe yubahirizwa mu gihe ntarengwa. Ni ngombwa kurega mu maguru mashya kugira ngo igihe cyagenwe kitagucaho.

Ubucuruzi butemewe n’amategeko: Ubwo bucuruzi bukorwa n’abantu baba bafite inyungu runaka bakoresha n’abandi ku gahato babahohotera bakabahemba nabi, Urugero gukoresha umuntu mw’icuruzwa ry’ibiyobyabwenge.

Umufasha: Abafasha bagira amazina menshi. Hari ubwo bitwa abafasha, ubundi bakitwa aba sosiyali bashinzwe imibereho myiza, abarezi, abajyanama cyangwa abavugizi. Umufasha aba ari umukozi w’umuryango udaharanira inyungu cyangwa ku giti cye, ntibaca amafaranga kubera ibikorwa byiza bakora; Umufasha yakugira inama, akagufasha kuvugana na polisi, akagushakira umunyamategeko cyangwa undi muntu ufite ubumenyi akakugira inama bityo ugakemura ikibazo cyawe. Umufasha mwiza arakunganira akakuvugira bidashyingiye ku marangamutima.

Inyandiko ifunga: Igihe polisi yaperereje bihagije igasanga har’umuntu ushobora kuba yarakoze icyaha gihanwa n’amategeko, urukiko rumwandikira icyemezo kimufunga by’agateganyo. Nta muntu wafungwa amasaha arenze 72 ntacyemezo cy’urukiko kimufunga. Uretseko icyo cyemezo ataricyo kamara. Ugifungiweho agomba kuburanishwa agatsinda cyangwa agatsindwa. Amategeko abuza polisi gufunga umwana uri hasi y’imyaka 14.

Inyandiko yo kuraga: Inyandiko yo kuraga isobanura neza uko umutungo w’uyanditse uzagabanywa igihe azaba yarapfuye. Igihe iyo nyandiko idahari nyir’ umutungo agapfa, abana bahita bazungura ibice 80% by’umutungo w’umubyeyi wabo wapfuye. Ariko igihe hari inyandiko abana bashobora kuzungura ibice 100% by’umutungo w’umubyeyi wabo mu gihe ataraze. By’ umwihariko amategeko yemera inyandiko isinywe na noteri ikabikwa.



We-Actx For Hope Umushinga K' Ubuzima N' Ubutabera

WE-ACTx FOR HOPE



WE-ACTx for Hope n'umuryango nyarwanda udaharanira inyungu, utera inkunga abagore n'abana banduye n'abarwaye virusi itera SIDA. Abenshi muri bo bafashwe ku ngufu. WE-ACTx for Hope hamwe n'amashyirahamwe afatanya ibikorwa nayo, bavura abagenerwabikorwa kugirango bakire ihahamuka. Umushinga k'ubuzima n'ubutabera wa WE-ACTx for Hope wigisha uburenganzira bwa muntu abarwayi, abita ku barwayi, amashyirahamwe y'abafatanyabikorwa hamwe n'abandi baturage, ukavuganira abarwayi. Uwo mushinga uha ubushobozi abagore n'abana banduye cyangwa barwaye SIDA kugira ngo babe abayobozi mu kurwanya SIDA hamwe n'ivangura.

GUSHIMA

WE-ACTx for hope irashimira abantu bose bayifashije mu buryo bunyuranye. Nukuvuga imiryango idaharanira inyungu, za Minisiteri hamwe n'abandi bafashije uyu mushinga mu buryo bunyuranye.

Turashimira abo bose baduhaye ibyo twanditse bijyanye n'ubutabera, bityo tukaba twarakoresheje ubuzobere bwabo, ubushishozi no kureba kure kwabo byadushoboresheje kwandika bimwe mu biri muri iyi mfashanyigisho.

ADEPE

Amahoro Association

Association Rwandaise pour la Promotion et la Connaissance des Droits de l'Homme (ARPCH)

AVEGA (Association des Veuves du Genocide) Agahozo

Avocats Sans Frontières

Barakabaho

Benishyaka

CHABHA

Dufatanye: Rwanda Community Law, Anti-Discrimination Network

FACT (Forum Activists Against Torture and Violence) Rwanda

Gisimba Memorial Center

Haguruka

Imbutu Foundation

Law Faculty at the Kigali Independent University (ULK)

Law Clinic at the National University of Rwanda

Les Enfants de Dieu

National Youth Council (Conseil National de la Jeunesse)

National Human Rights Commission

Réseau Rwandais des Personnes, Vivant avec le VIH (RRP+)

Rwanda National Police: Offices of Gender Based Violence and Children's Desk

Rwanda Women's Network

Society of Women and AIDS in Africa

Solidarité (Solidarity Association of People with HIV)

SOS Village Des Enfants

Umuhuza Youth Association

UNICEF Kigali

Uyisengan'Imanzi



Turashimira byimazeyo ministeri zikurira:

Ministeri y'Uburezi
Ministeri y'uburunganire n'iterambere ry'umuryango
Ministeri y'ubutabera
Komisiyo y'Igihugu ishinze kurwanya Sida (CNLS)

Turashimira byimazeyo abaduteye inkunga:

Ambasade y'Abanyamerika iri Kigali (programu ya Fulbright)

Turashimira nanone ikipe ya,

We-Actx for Hope ku mushinga w'ubuzima n'ubutabera

Joseph Mafurebo, Kigali
Lucy Quacinella, Esq., San Francisco, U.S. Fulbright Senior Specialist
Alison Shinsato, Esq.
Whitney Smith, Esq.
Myra Abu, Legal Project Intern 2008
Alicia Jacobs, Legal Project Intern 2008
Stephen A. Rosenbaum, University of California, Berkeley School of Law

By'umwihariko turashimira Tienlon Ho hamwe n'ibiro bya
Latham na Watkins LLP biri San Francisco, New York na London.

Ku bisobanuro birambuye baza:

Joseph Mafurebo, Director
WE-ACTx for Hope, Health and Justice Project
P.O. Box 5141
Kigali, Rwanda

mafarebo@yahoo.fr
or
lucy@quacinella.com





MENYA UBURENGANZIRA BWawe

Imfashanyigisho y'abana bato, Ingimbi
n'abangavu, Ingimbi n'Abangavu



www.we-actx.org

